REPUBULIKA Y'U RWANDA

RAPORO Y'IBIKORWA 2005

URWEGO RW'UMUVUNYI

B.P. 6269 KIGALI

Mutarama 2006

IJAMBO RY'IBANZE

Urwego rw'Umuvunyi rushingiye ku Itegeko n°25/2003 rigena imiterere n'imikorere y'Urwego rw'Umuvunyi runejejwe no gushyikiriza Nyakubahwa Perezida wa Repubulika raporo yarwo y'Umwaka wa 2005. Rwishimiye no kuyishyikiriza Inteko Ishinga Amategeko, rukaba ruboneyeho n'umwanya wo kugeza kopi yayo kuri Guverinoma no ku Rukiko rw'Ikirenga.

Iyi raporo ni iya kabiri kuva aho Urwego rutangiriye imirimo yarwo ikaba ikubiyemo ibikorwa by'umwaka wa 2005. Ibyo bikorwa bishingiye ku guteza imbere imiyoborere myiza no gushishikariza inzego z'ubuyobozi gukorera mu mucyo.
Ibikorwa by'ingezi Urwego rw'Umuvunyi rwagezeho bijyanye n'inshingano zarwo, bikaba bikubiye mu ngingo enye zikurikira :

Guhuza umuturage n'inzego z'ubutegetsi za Leta n'izigenga ;

Gukumira no kurwanya akarengane, ruswa n'ibyaha bifitanye isano na yo, mu Nzego z'ubutegetsi bwa Leta n'izigenga;

Kwakira no gusuzuma, mu rwego rwavuzwe haruguru, ibirego by'abantu ku giti cyabo n'iby'amashyirahamwe yigenga, byerekeye ibikorwa by'abakozi ba Leta, iby'inzego zayo n'iby'abikorera ku giti cyabo, no gukangurira abo bakozi n'izo nzego gushakira umuti ibyo bibazo iyo rusanze bifite ishingiro;

Kwakira, kubika no gukurikirana buri mwaka inyandiko zigaragaza imitungo nyakuri y'abayobozi b'igihugu n'abandi bakozi bateganywa n'itegeko.

Umuvunyi Mukuru, Abavunyi bungirije n'Abakozi b'Urwego rw'Umuvunyi, bizeye ko iyi raporo igaragariza buri wese ibikorwa Urwego rw'Umuvunyi rwakoze hirya no hino mu Gihugu mu mwaka wa 2005.

Tuboneyeho umwanya wo gusaba inzego nkuru z'ubuyobozi gushishikariza izindi nzego kwita ku bibazo by'abaturage no kubikemurira igihe, tuributsa kandi ko igikorwa cyo gukumira no kurwanya akarengane na ruswa ari inshingano ya buri muturarwanda aho ari hose.

Abagize Urwego rw'Umuvunyi baboneyeho na none gushimira byimazeyo Leta y'u Rwanda, abaturarwanda bari hirya no hino mu Gihugu, abo hanze y'u Rwanda n'abari mu nzego zinyuranye z'ubuyobozi, bashyigikiye ibikorwa bikubiye muri iyi raporo.

Umuvunyi Mukuru
Tito RUTAREMARA

AMASHAKIRO

IJAMBO RY'IBANZE 2

AMASHAKIRO 4

IRIBURIRO 6

IBIKORWA BYAKOZWE MU MWAKA WA 2005 7

I. GUHUZA UMUTURAGE N'INZEGO Z'UBUTEGETSI ZA LETA N'IZIGENGA. . 7

II. GUKUMIRA NO KURWANYA AKARENGANE, RUSWA N'IBYAHA BIFITANYE ISANO NA YO MU NZEGO Z'UBUTEGETSI BWA LETA N'IZIGENGA. 8

II.1. Gukumira no kurwanya akarengane, ruswa n'ibyaha bifitanye 8

isano na yo mu nzego z'ibanze no mu bigo by'amashuri 8

yisumbuye. 8

II.2. Gukumira no kurwanya akarengane, ruswa n'ibyaha bifitanye isano na yo mu nzego z'ubutegetsi za Leta. 17

III. III. KWAKIRA IBIBAZO BY'AKARENGANE, RUSWA N'IBYAHA BIFITANYE ISANO NA YO MU NZEGO Z'UBUTEGETSI BWA LETA N'IZIGENGA. 41

III.1. Kwakira no gukurikirana ibibazo byerekeranye na ruswa. 41

III.2. Kwakira no gukurikirana ibibazo by'akarengane 42

IV. INYANDIKO ZIGARAGAZA IMITUNGO NYAKURI Y'ABAYOBOZI B'IGIHUGU N'ABANDI BAKOZI BATEGANYWA N'ITEGEKO. 48

IV.1 Kunoza inyandiko igaragaza umutungo 49

IV.2 Gutanga no kwakira inyandiko igaragaza umutungo. 49

IV.3 Gusuzuma inyandiko igaragaza umutungo. 54

V. UBURYO BWAKORESHEJWE MU GUSHYIRA MU BIKORWA INSHINGANO Z'URWEGO RW'UMUVUNYI 55

IKORESHWA RY'INGENGO Y'IMARI Y'UMWAKA WA 2005 56

VI. INGORANE URWEGO RW'UMUVUNYI RWAHUYE NAZO. 61

VII. IBYIFUZO 62

UMWANZURO 65

IRIBURIRO

Nk'uko byari biteganyijwe muri gahunda y'ibikorwa by'Urwego rw'Umuvunyi mu gihe cy'imyaka ibiri 2004-2005, ibikorwa byakozwe mu mwaka wa 2005 bikubiye mu ngingo enye nkuru ari zo guhuza umuturage n'inzego z'ubutegetsi za Leta n'izigenga; gukumira no kurwanya akarengane, ruswa n'ibyaha bifitanye isano na yo; kwakira ibibazo by'akarengane; kwakira, kubika no gukurikirana buri mwaka inyandiko zigaragaza imitungo nyakuri y'Abayobozi b'Igihugu n'abandi bakozi bateganywa n'Itegeko Nshinga ryo ku wa 04/6/2003 nk'uko ryavuguruwe kugeza ubu.

Mu guhuza umuturage n'inzego z'ubutegetsi za Leta n'izigenga hanatangwa amahugurwa mu gukumira no kurwanya akarengane, Urwego rw'Umuvunyi rwagendaga rwakira rukanakurikirana ibibazo by'akarengane. Hakiriwe ibibazo bigera kuri 3.056, muri byo 2.257 byararangijwe, 9 byashyikirijwe izindi nzego, 729 biracyakurikirikiranwa, 61 ni ibibazo byamenyeshejwe Urwego rw'Umuvunyi ariko bigikurikiranwa n'izindi nzego.

Mu gikorwa cyo gukumira no kurwanya ruswa n'ibyaha bifitanye isano na yo hakemuwe ibibazo 35 bijyanye na ruswa. Hanasuwe kandi ibigo 6 bishinzwe ubugenzuzi hagamijwe kureba niba imikorere yabyo idaha icyuho ruswa n'akarengane. Mu gusura ibyo bigo habanje igikorwa cyo kwiga amategeko abigenga, hakurikiye ho kuganira n'abayobozi b'ibyo bigo no gusura ikigo, nyuma y'igikorwa raporo yagiye iganirwaho n' ubuyobozi kugirango bagire icyo bavuga ku byo Urwego rwabonyeyo.

Mu kwakira, kubika no gukurikirana buri mwaka inyandiko zigaragaza imitungo nyakuri y'Abayobozi b'Igihugu n'abandi bakozi bateganywa n'Itegeko,
Urwego rw'Umuvunyi rwagejeje kubo bireba inyandiko z'igaragazamutungo 3.490 rubaha n'ibisobanuro bya ngombwa, izagarukiye Urwego rw'Umuvunyi ni 2.523, izitaragarutse ni 967.

Urwego rw'Umuvunyi rwageze kuri ibi bikorwa hifashishijwe abakozi n'ingengo y'imari rwagenewe mu mwaka wa 2005 nk'uko biri bugaragazwe mu gice cya nyuma cy'iyi raporo.

IBIKORWA BYAKOZWE MU MWAKA WA 2005

I. GUHUZA UMUTURAGE N'INZEGO Z'UBUTEGETSI ZA LETA N'IZIGENGA.

Hakurikijwe ingingo ya 7 y'Itegeko n° 25/2003 rigena imiterere n'imikorere y'Urwego rw'Umuvunyi, uru Rwego rwahawe inshingano yo guhuza abaturage n'inzego z'ubutegetsi za Leta n'izigenga.

Ni muri urwo rwego, Urwego rw'Umuvunyi rugezwaho kandi rugasuzuma ibirego by'abantu ku giti cyabo n'iby'amashyirahamwe yigenga byerekeye ibikorwa by'inzego za Leta, iby'abakozi bayo n'iby'abikorera ku giti cyabo, rugahuza impande zombi hagamijwe gushakira ibisubizo birambye ibibazo ruba rwashyikirijwe.

Mu kuzuza iyo nshingano hari ibibazo binyuranye Urwego rw'Umuvunyi rwakoreye ubuvugizi mu nzego bireba, kugira ngo bishakirwe umuti. Aha twavuga nk'ibibazo bijyanye n'imiturire mu Mujyi wa Kigali aho abaturage binubiraga uburyo bw'itangwa ry'ibibanza ndetse n'ibijyanye n'iyimurwa, kuko wasangaga imitungo y'abimurwa ibarwa hakurikijwe Iteka rya Minisitiri n°18.08/1185 ryo ku wa 22/4/1996 ritakijyanye n'igihe kubera izamuka ry'ibiciro ku masoko.

Urwego rw'Umuvunyi rwagiriye Umujyi wa Kigali inama yo kunoza imikorere yawo mu itangwa ry'ibibanza ndetse runasaba Minisiteri ifite ubutaka mu nshingano zayo kwihutisha Itegeko ngenga rigena imikoreshereze n'imicungire y'ubutaka n'ivugururwa ry'Iteka rya Minisitiri rihindura ibiciro bihabwa abimuwe mu byabo kubera imirimo ifitiye Igihugu akamaro kugira ngo bahabwe agaciro nyakuri k'imitungo yabo mu gihe bimurwa.

Mu ngendo zakozwe mu Ntara zinyuranye Urwego rw'Umuvunyi rwagiye ruhuza abaturage n'inzego z'ubuyobozi kugira ngo ibibazo bafite bikemurwe kandi bikemurirwe igihe.
Ingero zatangwa ni :
imanza zaciwe burundu n'inkiko ariko ntizirangizwe ngo uwatsinze ahabwe ibyo yatsindiye, Urwego rwasabaga abahesha b'inkiko gushyira mu bikorwa imyanzuro y'urukiko;
kuba Komite z'abunzi zidatangira igihe imyanzuro y'ibibazo zagejejweho bikabuza utishimiye iyo myanzuro uburenganzira bwo gutanga ikirego mu Rukiko rw'Akarere

cyangwa Umujyi, Urwego rw'Umuvunyi rwasabaga komite z'abunzi gutangira imyanzuro ku gihe;
ku bijyanye n'isaranganya ry'amasambu, Urwego rw'Umuvunyi rwasabaga inzego z'ubuyobozi gushyira mu bikorwa politiki y'isaranganya hubahirizwa amabwiriza yatanzwe;
gufasha abayobozi b'inzego z'ibanze gukemura no kurangiza ibibazo mu mucyo imbere y'abaturage.

Mu rwego rwo gukumira no kurwanya akarengane, ruswa n'ibyaha bifitanye isano na yo hagamijwe guhuza umuturage n'inzego za Leta n'izigenga, Urwego rw'Umuvunyi rwasuye inzego z'ibanze, amashuri n'ibigo bishinzwe ubugenzuzi no gukorera mu mucyo.

II. GUKUMIRA NO KURWANYA AKARENGANE, RUSWA N'IBYAHA BIFITANYE ISANO NA YO MU NZEGO Z'UBUTEGETSI BWA LETA N'IZIGENGA.

Gukumira no kurwanya akarengane, ruswa n'ibyaha bifitanye isano na yo, ni intego ikomeye Urwego rw'Umuvunyi rufite. Kugira ngo igerweho hagomba ubufatanye n'izindi nzego cyane cyane inzego z'Ubuyobozi bw'Ibanze kuko ari zo zegereye abaturage. Mu bikorwa bijyanye n'iyi nshingano, Urwego rw'Umuvunyi rwateguye ibiganiro byo gukangurira abaturage kumenya uburenganzira bwabo, abayobozi na bo bagashishikarizwa kurushaho kuzuza inshingano bahawe hagamijwe gukumira no kurwanya akarengane gashobora kugaragara mu mikorere yabo.

Mu rwego rwo gukumira no kurwanya akarengane, ruswa n'ibyaha bifitanye isano na yo mu buryo burambye, Urwego rw'Umuvunyi rwahuguye abanyeshuri n'abarezi babo mu bigo byisumbuye.
Urwego rw'Umuvunyi rwasuye kandi inzego z'ubugenzuzi, rwiga imikorere yazo hagamijwe kureba niba imikorere n'amategeko azigenga bidaha icyuho ruswa n'akarengane.

II.1. Gukumira no kurwanya akarengane, ruswa n'ibyaha bifitanye isano na yo mu nzego z'ibanze no mu bigo by'amashuri yisumbuye.

Hakurikijwe gahunda ya Leta yo kwegereza ubuyobozi n'ubushobozi abaturage, hanashingiwe kuri gahunda y'ibikorwa y'imyaka ya 2004-2005, Urwego rw'Umuvunyi rwasuye Intara za Butare, Cyangugu, Gisenyi, Kigali Ngali, Ruhengeri n'Umutara, aho abaturage mu mirenge yabo bahugurirwaga ibijyanye n'imiterere n'imikorere y'Urwego rw'Umuvunyi nk'uko biteganywa n'Itegeko n° 25/2003.

Ibiganiro byibandaga ku gusobanura uburenganzira bw'ibanze bwa Muntu n'uburyo buri wese yabuharanira atabangamiye ubwa mugenzi we. Abaturage banakanguriwe kugira uruhare rukomeye mu kwikemurira ibibazo mu rwego rwo kunganira ubuyobozi bwabo, kwamagana ruswa no kutemera akarengane.

Muri ibyo biganiro, Abayobozi b'ingeri zinyuranye mu nzego z'ibanze na bo bakangurirwaga kurangwa n'imikorere myiza mu kuzuza inshingano zabo, bakorera mu mucyo, birinda ruswa kandi barushaho gushaka icyateza imbere abo bashinzwe kuyobora.

Mu gusoza ibiganiro, abaturage bahabwaga umwanya wo gusobanuza ibyaba bitumvikanye neza ndetse bakanatanga ibitekerezo n'inama bigamije guteza imbere imiyoborere n'imibereho myiza byabo.

Nyuma y'ibiganiro, hakurikiragaho icyiciro cyo kwakira no gukemura ibibazo by'akarengane. Muri icyo cyiciro abaturage bahabwaga ijambo bakagaragaza ibibazo byabo, bagenzi babo bakabitangaho ibitekerezo bakanagaragaza uko babona byakemuka, inzego z'ubuyobozi bw'ibanze zifatanyije n'Urwego rw'Umuvunyi bagashakira hamwe imyanzuro y'ibyo bibazo.

Muri iyo gahunda, abanyarwanda muri rusange, abaturage bo mu mirenge 858 igize Intara zasuwe, by'umwihariko bishimiye ubwo buryo bwo gukemura ibibazo mu ruhame bakabigiramo uruhare. Urwego rw'Umuvunyi rwabakanguriye gukomeza uwo muco wo gufatanya n'inzego z'ubuyobozi zibegereye mu gushakira umuti ibibazo byabo, kuko bibarinda guhora mu nzira bagana izindi nzego z'ubuyobozi cyangwa basiragizwa bitewe n'uko nta mwanzuro baba babonye.

Ku bibazo bitakemurirwaga aho, cyane cyane ibirebana n'inzego za Leta, ibigo byayo, ibyo Leta ifitemo imigabane cyangwa ibyigenga byazanwaga ku cyicaro cy'Urwego rw'Umuvunyi bigakomeza gukurikiranwa muri izo nzego.

Ku bijyanye n'ibibazo byakirwaga mu mirenge, Urwego rw'Umuvunyi rwagiraga inama inzego z'ubuyobozi uko ibyo bibazo byakemurwa rukerekana n'uruhare rwa buri wese mu ishyirwa mu bikorwa ry'imyanzuro yabaga yafashwe.
Ku bibazo byabaga bitabonewe imyanzuro, Urwego rw'Umuvunyi rwakoraga iperereza mu nzego bireba rukazigezaho imyanzuro yafatwa kugira ngo ibyo bibazo bikemuke. Mu rwego rwo guteza imbere imiyoborere myiza n'imibereho myiza y'abaturage, Urwego rw'Umuvunyi rwasabaga inzego z'ubuyobozi gushyira mu bikorwa imyanzuro yabaga yafatiwe ibibazo by'abaturage kandi bigakorwa mu gihe gikwiye hakurikijwe uburemere bw'ikibazo (Ibibazo byakiriwe biragaragazwa mu ngingo ya III).

Gahunda yo gukorera mu mirenge yateguwe hagamijwe gukemurira ibibazo aho biri bibanje kunguranwaho ibitekerezo n'abaturage ubwabo, ndetse n'abayobozi. Iyo gahunda yamenyeshwaga mbere abaturage bo mu mirenge kugira ngo badakora ingendo bazana ibibazo ku cyicaro cy'Urwego rw'Umuvunyi kandi ruzabegera. Muri icyo gikorwa, abakozi b'Urwego rw'Umuvunyi bajyanaga n'ibindi bibazo babaga barakiriye ku cyicaro cy'Urwego.
Umurimo wo gukomeza kwakira no gukurikirana ibibazo byo mu zindi Ntara n'Umujyi wa Kigali ntiwahagaze kuko habaga hari abakozi bawushinzwe.
Gusura no gukemura ibibazo mu mirenge byabangikanyijwe no guhugura abanyeshuri bo mu bigo by'amashuri yisumbuye yo mu Ntara za Butare, Cyangugu, Gisenyi, Kigali Ngali, Ruhengeri n'Umutara, hakurikijwe gahunda yabaga yumvikanyweho n'Urwego rw'Umuvunyi n'Ubuyobozi bw'ibyo bigo.
Ibiganiro byahuzaga abanyeshuri n'abarezi babo, bakagezwaho amavu n'amavuko y'Urwego rw'Umuvunyi, imiterere n'imikorere yarwo, bakanarebera hamwe ingeri z'akarengane gashobora kugaragara mu bigo by'amashuri kandi hagafatwa n'ingamba zo kugakumira no kukarwanya mu buryo burambye.

Hifashishwaga ingero zikunze kugaragara mu mashuri, nko guhabwa amanota make ku yo umunyeshuri yagombaga kubona, gusumbanya abanyeshuri mu buryo bw'imibereho, gutotezwa n'umurezi cyangwa umuyobozi bishingiye ku mpamvu zinyuranye zirimo n'ivangura iryo ari ryo ryose, bikagaragarira nko mu bihano birengeje urugero cyangwa bidashingiye ku ikosa rigaragara, gusambanya abanyeshuri kugira ngo bakorerwe ibyo basanzwe bemerewe cyangwa bahabwe amanota batakoreye, n'ibindi.

Abo banyeshuri n'abarezi basobanurirwaga ibikubiye mu Itegeko n°23/2003 ryo ku wa 07/8/2003 ryerekeye gukumira, kurwanya no guhana ruswa n'ibyaha bifitanye isano na yo, bakanahabwa ingero za ruswa ishobora kugaragara mu bigo by'amashuri. Zimwe muri zo ni nko kwakira impano zinyuranye, ikimenyane, icyenewabo, irondakoko, irondakarere, n'ibindi bishobora kuba intandaro yo guha cyangwa kwima umunyeshuri amanota, kwimurwa mu mwaka wisumbuye bidakwiye cyangwa gusibizwa, guhabwa umwanya mu kigo cy'ishuri ibisabwa bitujujwe, cyangwa kuwimwa ibisabwa byuzuye n'ibindi.

Abanyeshuri nk'urubyiruko rujijutse kandi Igihugu gitezeho abayobozi b'ejo hazaza, bakangurirwaga gukurana umuco mwiza wo gukunda Igihugu, bakanga kandi bakirinda akarengane, ruswa n'izindi ngeso mbi zose nko gusuzugura abarezi n'abayobozi, kwiyandarika, amacakubiri ayo ariyo yose cyane cyane ingengabitekerezo ya jenoside, kandi bakagira uruhare rugaragara mu kubyamagana no kubirwanya aho babibona hose. Basobanurirwaga kandi ko umuco mubi wo gukopera wiganje mu banyeshuri ari ubujura butuma umunyeshuri yimuka ari ntacyo azi, bigatuma abana bafata umuco wo kunebwa, kubona ibyo batakoreye n'ibindi bibi byinshi, bikaba n'intangiriro ya ruswa. Bishobora no kuvamo kunyereza cyangwa kwigwizaho umutungo bazaba bashinzwe gucunga mu gihe bazaba bageze mu myanya y'ubuyobozi.

Abarezi na bo muri rusange bashishikarizwaga kwirinda imyitwarire igayitse ishingiye kuri ruswa no ku karengane bigaragara mu ngero zatanzwe, bakita ku nshingano zabo baha abanyeshuri ubumenyi n'uburere bwiza, kandi bakababera intangarugero banarushaho kubashishikariza kugira ubupfura n'ubwanga-mugayo bizabafasha kubaka Igihugu. Muri rusange hasuwe ibigo 234, ibindi bigo byo mu zindi ntara bizasurwa mu mwaka wa 2006.

Nyuma yo gusura inzego z'ibanze n'ibigo by'amashuri yisumbuye mu ntara twavuze haruguru, Urwego rw'Umuvunyi rwasanze hari ibibazo bikwiye kugaragarizwa inzego zibishinzwe kugira ngo bifatirwe ingamba zihamye.

Ibyo bibazo byagaragaye cyane cyane mu mikorere y'abayobozi b'inzego z'ibanze, mu burezi, mu mikorere ya komite z'abunzi, komite z'Ikigega kigenewe gutera inkunga abacitse ku icumu rya jenoside batishoboye (FARG) no mu mikorere y'Isanduku y'Ubwiteganyirize bw'Abakozi (CSR).

II.1.1. Imikorere y’abayobozi b’inzego z’ibanze

Mu gusura inzego z’ibanze Urwego rw’Umuvunyi rwari rugamije gushishikariza abayobozi b’utugari, imirenge, uturere n’imijyi gukemura ibibazo by’abaturage bashinzwe kuyobora kugira ngo babarinde guhora basiragira mu nzego zinyuranye z’Ubuyobozi kandi bafite inshingano n’ububasha bwo kubarangiriza ibibazo.

Dukurikije ibibazo byakiriwe n’Urwego rw’Umuvunyi byagaragariye Urwego ko abayobozi benshi b’izo nzego batitabira gukemura ibibazo by’abaturage kandi mu nama zinyuranye basabwa kurwanya akarengane.
Umubare w’ibibazo byakiriwe uragaragazwa ku buryo burambuye mu gice kijyanye n’ibibazo byakiriwe.

II.1.2. Ibibazo byo mu burezi

Ibigega n’imishinga bimwe na bimwe nka FARG, ibigega by’uburezi, ikigega gifasha abana b’imfubyi za SIDA (MAP), n’imiryango itegamiye kuri Leta byishyurira abanyeshuri bikanabafasha kubona ibikoresho ntibyishyurira ku gihe amafaranga byageneye abanyeshuri bifasha, bigatuma abanyeshuri muri rusange badafatwa uko bikwiye kuko ikigo gikoresha ubushobozi bwacyo kenshi buba budahagije mu gihe gitegereje ko iyo miryango cyangwa ibigega byishyura. Hari n’igihe abanyeshuri birukanwa kuko batinze kwishyurirwa amafaranga y’ishuri cyane cyane mu bigo byigenga, bigatuma bavutswa uburenganzira bwo kwiga kandi nta ruhare babigizemo.

Indi ngorane yagaragaye ni uko hari abanyeshuri bishyurirwa n’imiryango ibiri cyangwa ibigega bibiri bitandukanye, bigatuma habaho gutanga amafaranga y’ikirenga kandi iyo nkunga yagombaga kugirira undi munyeshuri utishoboye akamaro. Hari kandi ikibazo cyo kumenya uburyo ayo mafaranga y’ikirenga akoreshwa.

Urwego rw’Umuvunyi, rwasabye Minisiteri y’Uburezi ko habaho uburyo bwo kugenzura no guhuriza hamwe ibikorwa by’iyo miryango n’ibigega, kandi bigashishikarizwa kujya byishyurira igihe.

Urwego rw'Umuvunyi rwasanze hari ikibazo kijyanye n'ibigo bya ESI (Ecoles Secondaires Inférieures) cyerekeye inyubako zigenewe kwigirwamo, ibikoresho by'ibanze nk'imfashanyigisho n'ibitabo bidahagije n'umubare munini w'abarimu badafite ubumenyi buhagije, kutabona ifunguro rya ku manywa n'ibindi.
Urwego rw'Umuvunyi rwasanze kuba abanyeshuri biga muri ubwo buryo bugoranye bishobora kuba impamvu yadindiza imyigire n'ubumenyi byabo kandi bagomba gukora ibizamini bimwe n'iby'abandi biga mu mashuri yari asanzwe igihe barangije icyiciro cya mbere cy'amashuri yisumbuye.
Urwego rw'Umuvunyi rurasanga ibi bigo bikwiye kwitabwaho by'umwihariko bigashakirwa ibikoresho bya ngombwa kandi n'inyubako zigirwamo zikavugururwa, zikanongerwa kubera ko hari amashuri afite umubare munini w'abanyeshuri.

Urwego rw'Umuvunyi rurasaba ko imfashanyo igenerwa ibigo by'amashuri yajya itangirwa igihe kugira ngo bidatera abayobozi b'ibyo bigo ibibazo mu mibereho y'abanyeshuri n'imikoranire n'abagemurira ibigo by'amashuri.

Urwego rw'Umuvunyi rwabonye kandi ikibazo cy'abarimu bagiye batangira akazi amadosiye yabo ataratungana, aho atunganiye Minisiteri ikabahemba ihereye igihe amabaruwa abaha akazi yasinyiwe, kandi baba bariyambajwe n'ikigo mu itangira ry'amashuri kugira ngo abanyeshuri babashe kwiga. Icyo kibazo cyakuruye ubwumvikane buke hagati ya Minisiteri isaba ko ikigo kibahemba, n'ikigo na cyo kikerekana ko nta bushobozi gifite.
Urwego rw'Umuvunyi rwasabye Minisiteri y'Uburezi ko yafasha ibigo byakoresheje abo barimu gukemura icyo kibazo.

II.1.3. Imikorere ya Komite z'abunzi

Mu mikorere ya komite z'abunzi henshi hagaragaye cyane cyane ibibazo bikurikira :
kudasobanukirwa bihagije n'itegeko ribagenga;
kudatangira igihe imyanzuro kugira ngo utayishimiye abashe kujuririra urukiko rubifitiye ububasha;
Gukurikirana ibibazo bitari mu bubasha bwabo nko kwakira ibirego bijyanye n'irangamimerere;
Kwaka amafaranga mu gihe cyo kwakira ikirego, mu gihe cyo gukora ipereresza no mu gihe cyo gutanga imyanzuro kandi itegeko riteganya ko umurimo wabo ari umurimo w'ubwitange

udahemberwa nk'uko biteganywa n'ingingo ya 3 y'Itegeko n°17/2004 ryo ku wa 20/6/2004 rigena imiterere, ububasha n'imikorere bya komite z'abunzi.

Urwego rw'umuvunyi rwasanze abunzi baka ayo mafaranga bayita amazina anyuranye bitewe n'ahantu nk'umusangiro, intego, inzoga y'abagabo, ubukandamaguru, ubwungo, amata y'impundu, ubumenarume...

Kubera izo mpamvu, Urwego rw'Umuvunyi rwakanguriye abagize komite z'abunzi, abari mu buyobozi bw'Imirenge n'Utugari kwitandukanya n'ibyo bikorwa kuko bifite ingaruka mbi ku iterambere ry'Igihugu, no ku mibereho myiza y'abaturage hatirengagijwe n'ingaruka zo kuba bakurikiranwa mu bucamanza kubera ko ibyo byaha bihanwa n'amategeko.

Hagaragaye n'ikibazo cy'imikoranire ya komite z'abunzi n'izindi nzego cyane cyane ku birego bijyanye n'imanza nshinjabyaha kuko usanga abaturage bari bamenyereye ko bene ibyo bibazo bijya mu nzego za Polisi y'Igihugu, ubu ikaba ibohereza mu bunzi, akenshi abunzi ugasanga nta bushobozi cyangwa se ubumenyi buhagije bwo gukurikirana no gukora ipererezа kuri ibyo byaha. Ivugurura ry'Itegeko n°17/2004 ryagombye kuzerekana uburyo bw'imikoranire ya bo n'izindi nzego zabafasha kurangiza neza inshingano zabo.

II.1.4. Imikorere ya Komite z'Ikigega gitera inkunga abacitse ku icumu rya jenoside batishoboye (FARG).

Mu mikorere ya komite z'Ikigega gitera inkunga abacitse ku icumu rya jenoside batishoboye (FARG) hagaragaye ibibazo bijyanye n'abantu bakwiye gufashwa n'ikigega cyashyiriweho abacitse ku icumu rya jenoside batishoboye bashyirwa ku rutonde na komite zibishinzwe ariko bigakorwa bitanyuze mu mucyo.

Urwego rw'Umuvunyi rwasanze komite zo mu mirenge zishinzwe kujonjora abakwiye gufashwa hari abo za komite zimwe zishyira ku rutonde rw'abafashwe batabikwiye, abandi bakarukurwaho bujuje ibyangombwa, ibyo bikaba binakorwa na bamwe mu bayobozi ba FARG ku buryo bitera umwuka mubi n'ubwumvikane buke hagati y'abaturage n'inzego z'ubuyobozi bwa FARG.

Urwego rw'umuvunyi rurasaba ko inzego zikurikirana uburyo iryo jonjora rikorwa mu mirenge zarushaho gukorera mu mucyo kugira ngo abashyizwe ku ilisiti babe babifitiye uburenganzira nk'uko biteganywa n'amabwiriza agenga ikigega gifasha abacitse ku icumu rya jenoside batishoboye.

II.1.5. Isanduku y'Ubwiteganyirize bw'Abakozi y'u Rwanda (CSR).

Mu bibazo Urwego rw'Umuvunyi rwakiriye harimo ibyerekeye ubwiteganyirize bw'abakozi bigaragara ko abafite uburenganzira bagenerwa n'amategeko y'ubwiteganyirize batabubonera igihe cyangwa batabuhabwa ku mpamvu zishamikiye ku mategeko agenga ubwiteganyirize, cyangwa ku bihe bya jenoside n'ingaruka zayo.

Mu rwego rwo kurushaho gusobanukirwa n'imikorere n'amategeko agenga ubwiteganyirize bw'abakozi, Urwego rw'Umuvunyi rwagiranye ibiganiro byihariye n'ubuyobozi bw'Isanduku y'Ubwiteganyirize bw'Abakozi y'u Rwanda (CSR) hagamijwe gushakira ibisubizo ibibazo rwagejejweho n'abaturage no kugira inama CSR kugira ngo imikorere yayo irusheho kunogera abayigana.
Ibibazo byaganiriweho biri mu byiciro bikurikira :

II.1.5.1. Ikibazo cy'abana b'imfubyi batarageza ku myaka y'ubukure bafite uburenganzira ku bwiteganyirize bw'ababyeyi babo.

Ikibazo cy'abana b'imfubyi batarageza ku myaka y'ubukure badafite amikoro kandi ababyeyi bariteganyirije, giteye impungenge kuko usanga hari abana bagira ingorane zo kwishingirwa n'abantu batari inyangamugayo bagakoresha mu nyungu zabo amafaranga yagombye kurera izo mfubyi.
Ubwo Urwego rw'Umuvunyi rwaganiraga na CSR rwasanze icyo kibazo cyaratekerejweho ku buryo CSR yemeye ko n'ubwo imyaka y'ubukure ari 21, igihe cy'ubusaze bwo gusaba amafaranga y'ubwiteganyirize cyaba imyaka cumi ibarwa guhera igihe umwana yujurije imyaka y'ubukure, akanagira uburenganzira ku birarane by'amafaranga yagombye kuba yarahawe.
Urwego rw'Umuvunyi ruranenga abahagarariye abo bana bafata amafaranga y'ubwiteganyirize bakayakoresha mu nyungu zabo bwite batitaye ku mibereho y'abana bahagarariye.

II.1.5.2 Abashakanye, umwe muri bo akitaba Imana bataramarana amezi 6 y'ubushyingiranwe.

Mu biganiro Urwego rw'Umuvunyi rwagiranye n'Isanduku y'Ubwiteganyirize bw'Abakozi y'u Rwanda, rwasanze iyo umwe mu bashakanye witeganyirizaga yitabye Imana hatarashira nibura amezi 6 nyuma yo gushyingirwa, abo asize nta burenganzira bagira ku bwiteganyirize bwe nk'uko biteganywa n'ingingo ya 33 a y'Itegeko-Teka ryo ku wa 22 Kanama 1974 nk'uko ryavuguruwe kugeza ubu.

Nyuma yo kungurana ibitekerezo Urwego rw'umuvunyi rwasanze iyi ngingo idaha agaciro umubano w'abashakanye byemewe n'amategeko kandi byari ngombwa ko usigaye mu kaga agobokwa n'ayo mafaranga.

Urwego rw'Umuvunyi rurasaba ko iyi ngingo yahindurwa hakitabwaho igihe nyakwigendera amaze yiteganyiriza aho kureba igihe abashakanye bamaranye bityo abasigaye bakagira uburenganzira ku bwiteganyirize bwe.

II.1.5.3 Ikibazo cy'abantu baba barateganyirijwe bakaza kugwa hanze y'Igihugu.

Ibihe by'intambara u Rwanda rwanyuzemo byatumye abanyarwanda benshi bahunga bamwe bagwa hanze y'Igihugu. Kubera izo mpamvu umubare munini w'imiryango wahuye n'imbogamizi yo kubona amafaranga y'ubwiteganyirize bw'ababo bitabye Imana bari hanze y'igihugu kandi ubundi itegeko riteganya ko ubuyobozi bw'aho umuntu abarurirwa butanga ibyemezo by'urupfu rwe.

Nyuma yo kungurana ibitekerezo n'Urwego rw'Umuvunyi, Isanduku y'Ubwiteganyirize bw'Abakozi yafashe umwanzuro wo kureka kubasaba ibyemezo by'urupfu by'aho baguye ikabasaba ko abahamya bazi iby'urwo rupfu babigaragariza urukiko rubifitiye ububasha rukabyemeza, CSR ikabona guha ayo mafaranga uyafitiye uburenganzira ishingiye kuri urwo rubanza. Urwego rw'Umuvunyi rwasabye kandi CSR gutangaza icyo cyemezo.

II.1.5.4 Ikibazo cy'ubwiteganyirize bw'abasirikare.

Nk'uko byagaragajwe haruguru, ibihe bidasanzwe Igihugu cyanyuzemo byagize ingaruka ku byiciro byinshi by'abakozi baba aba Leta cyangwa ab'ibigo byigenga.
Ni muri urwo rwego imiryango y'abasirikare yahuye n'ibibazo byo guhabwa amafaranga y'ubwiteganyirize bw'abasirikare bahoze mu ngabo zatsinzwe mu mwaka wa 1994 ndetse n'imiryango y'abasirikari ba Leta y'Ubumwe bw'Abanyarwanda.

Ibyo bibazo biri mu byiciro bibiri:
Abasirikare bagiriye impanuka ku rugamba kuva mu mwaka 1990 kugeza mu mwaka wa 1994 baragiye bakatwa imisanzu ku mushahara ariko Minisiteri y'Ingabo ntibatangire imisanzu yabo mu Isanduku y'ubwiteganyirize bw'abakozi cyangwa ikaba yarabateganyirije ariko ntimenyeshe impanuka umukozi yagize mu gihe giteganijwe n'amategeko kubera ibihe by'intambara.
Mu kiganiro Urwego rw'Umuvunyi rwagiranye n'Isanduku y'Ubwiteganyirize hagaragaye ko impamvu icyo kibazo kidakemuka ari uko dosiye nyinshi zo guteganyiriza abasirikare (ex-FAR) zakorwaga na MINISITERI Y'INGABO zikagera mu Isanduku y'Ubwiteganyirize bw'Abakozi zitagaragaza amazina cyangwa umubare w'abateganyirijwe kubera impamvu z'ibanga ry'akazi ko mu gihe cy'intambara, bityo iyo sanduku ikaba itabona aho ihera yishyura abo basirikare.

Nyuma y'uko Leta y'Ubumwe bw'Abanyarwanda igiyeho ku itariki ya 19/7/1994, hari abasirikare bagize impanuka bari mu kazi ntibimenyeshwe Isanduku y'Ubwiteganyirize bw'abakozi, igihe batangiriye kubimenyesha bagasanga harabaye ubuzime bw'imenyekanisha ry'impanuka y'akazi ni ukuvuga imyaka ibiri.
Mu biganiro Urwego rwagiranye n'Isanduku y'Ubwiteganyirize bw'abakozi byagaragaye ko Minisiteri y'Ingabo yatangiye kwinjiza abasirikare mu bwiteganyirize ikora n'imenyekanishamushahara ku basirikare bose guhera mu mwaka wa 1994 ariko imisanzu yatanzwe ni iyo kuva mu mwaka wa 2002.
Kubera izo mpamvu, Urwego rw'Umuvunyi rurasanga abasirikare bakoze impanuka mu gihe kiri hagati ya 1994 na 2001 batari barateganyirijwe cyangwa ngo Minisiteri y'Ingabo imenyeshe iyo mpanuka ku gihe, bakwiye kwishyurwa na Minisiteri y'Ingabo.

II.2. Gukumira no kurwanya akarengane, ruswa n'ibyaha bifitanye isano na yo mu nzego z'ubutegetsi za Leta.

Muri gahunda Urwego rw'Umuvunyi rwiyemeje yo gusura inzego n'ibigo bishinzwe ubugenzuzi no gukorera mu mucyo (control, accountability and transparency),

uyu mwaka hasuwe ibigo bikurikira:
Ubunyamabanga bushinzwe kwegurira ibigo bya leta abikorera ku giti cyabo (SP);
Inama y'Igihugu ishinzwe gutanga amasoko ya Leta (NTB);
Ubugenzuzi Bukuru bw'imari ya Leta (OAG);
Ishami ryihariye rikorera muri Minisiteri y'imari rishinzwe guhuza ibikorwa by'ishoramari bya Leta (CEPEX);
Ikigo cy'Igihugu gitsura ubuziranenge (RBS);
Ikigo cy'Igihugu gishinzwe imisoro n'amahoro (RRA).

Mu gusura ibyo bigo harebwaga niba bikora hakurikijwe amategeko abigenga, niba ayo mategeko adaha icyuho akarengane, ruswa n'ibyaha bifitanye isano na yo, niba bifite uko byigenzura n'uko bigenzurwa, niba bikurikirana ibyavuzwe muri za raporo zikorwa. Hasesenguwe inshingano z'ikigo, ibyagezweho n'ibitaragezweho n'uko byagerwaho.
Hakurikijwe imiterere n'imikorere yihariye ya buri kigo, byabaye ngombwa gusura ibindi bigo bikorana by'umwihariko nabyo.

II.2.1 Ubunyamabanga bushinzwe kwegurira ibigo bya Leta abikorera ku giti cyabo (SP).

Ubunyamabanga bushinzwe kwegurira ibigo bya leta abikorera ku giti cyabo (SP) ni ikigo kigengwa na Minisiteri ifite imari mu nshingano zayo, kikaba cyarashyizweho n'Iteka rya Perezida nº08/14, ryo ku wa 03/05/1996, rishyiraho Komisiyo y'Igihugu Ikurikirana Uburyo Leta yegurira ibigo n'ibikorwa byayo abikorera ku giti cyabo. Nk'uko bivugwa n'iryo teka, iyo Komisiyo ifashwa mu kazi kayo na Komite y'Impuguke. Iyo Komite ni yo ubu yitwa Ubunyamabanga bushinzwe kwegurira ibigo bya Leta abikorera ku giti cyabo "secretariat de privatisation" (SP). Icyitwaga Komisiyo y'Igihugu Ikurikirana Uburyo Leta yegurira ibigo n'ibikorwa byayo abikorera ku giti cyabo, n'ishora ry'umutungo w'Igihugu, ubu nta kikiriho n'ubwo nta tegeko ryagikuyeho. Hasigaye Komite y'Impuguke n'Ubunyamabanga bwavuzwe haruguru, ari na zo nzego zireba ibyo kwegurira abikorera ku giti cyabo ibigo bya Leta.

II.2.1.1 Inshingano

SP ishinzwe gutegura, guha umurongo mbonera, gusesengura no gukurikirana ishyirwa mu bikorwa ry'ibyemezo by'Inama y'Abaminisitiri mu rwego rwo kwegurira ibigo bya Leta abikorera ku giti cyabo, ndetse no gusobanurira abaturage iby'iyo gahunda.

II.2.1.2. ibyo SP yagezeho mu gushyira mu bikorwa inshingano zayo

Mu mwaka wa 1996, Inama y'Abaminisitiri yakoze urutonde rw'ibigo bya Leta 79 bigomba kwegurirwa abikorera ku giti cyabo, iruha SP kugira ngo icyo cyemezo gishyirwe mu bikorwa.

Inshingano SP yahawe zo kwegurira ibigo bya Leta abikorera ku giti cyabo, ihereye ku rutonde yashyikirijwe n'Inama y'Abaminisitiri mu mwaka wa 1996 yagerageje kuzishyira mu bikorwa.

Igihe Urwego rw'Umuvunyi rwayisuraga, ibigo 34 byari byareguriwe abikorera ku giti cyabo, 4 byari byareguriwe ababicungaga naho 9 byari byarasheshwe.

Igikorwa cyo gusura SP cyajyanye n'icyo gusura bimwe mu bigo byeguriwe abikorera ku giti cyabo hagamijwe kureba niba ibyo bigo byubahiriza amasezerano byagiranye na yo.

SP yagize uruhare mu guteza imbere ubukungu kuko mu bigo byari byarafunze hari bimwe na bimwe ubu bikora neza bikinjiza imisoro ndetse bigatanga n' akazi nka SOPYRWA, Guest House KINIGI, Imprimerie Papéterie Nouvelle, n'ibindi.

II.2.1.3. Ibitaragerwaho n'uko byagerwaho

Kugira ngo igurishwa ry'ibigo bya Leta rikorwe mu mucyo, ibyo bigo bigomba gukorerwa igenzura ry'umutungo wabyo ndetse n'ingaruka z'amategeko byagira, ariko si ko bikorwa buri gihe kuko hari ibigo bimwe na bimwe byagurishijwe kandi agaciro kabyo katazwi.

Urwego rw'Umuvunyi rwasanze byaba byiza igikorwa cyo kubarura umutungo w'ibigo byose gikozwe mbere yo kubigurisha kugira ngo Leta itahahombera. Byatuma igihe uwaguze ikigo adashoboye kubahiriza ibyo yasezeranye umutungo yongereyeho umenyekana, Leta ntitange amafaranga menshi kubera kutamenya agaciro kacyo mbere y'igurishwa.

Gukora igenzura rijyanye n'imiterere y'Ikigo n'ingaruka kukigurisha bitera byatuma hamenyekana abo ikigo kibereyemo imyenda kandi kigomba kwishyura n'imibereho y'abakozi bagikoreraga, bikaba byakumira ibibazo nk'ibyagiye bivuka. Aho ibyo bibazo

byagiye bigaragara, ni nk'uruganda rusya ingano (ETIRU) n'ikigo cyacuruzaga ibiribwa (OPROVIA) .

Mu bigo byeguriwe abikorera ku giti cyabo mu mizo ya mbere habonetse ibigo bimwe na bimwe bitakorewe igenzura ry'umutungo. Ubwo Urwego rwasuraga SP rwasanze igenzura ry'umutungo ryaratangiye gukorwa ariko ibijyanye n'ingaruka zerekeye amategeko byatera bitarakorwa.

Urwego rw'Umuvunyi rwasuye kandi ibigo byeguriwe abikorera ku giti cyabo rusanga ibyo bigo bidakora raporo bisabwa kandi SP nta mukozi ushinzwe kubikurikirana ifite, bikaba byatera ikibazo mu ikurikirana ry'imikorere yabyo.
Urugero ni ukwemerera abatsindiye amasoko kurenza igihe cyo kwishyura bituma habaho ibirarane byinshi, bigatinza iyubahirizwa ry'amasezerano, bikaba n'icyuho cya ruswa kuko umuntu aba akura inyungu mu bya Leta kandi yarananiwe cyangwa yarirengagije nkana kubahiriza amasezerano.

Ikigo kiramutse gikoze raporo byatuma iherwaho mu kugenzura niba gahunda uweguriwe ikigo yiyemeje yubahirizwa uko yakabaye, bityo ntihongere kuboneka isesa ry'amasezerano rikorwa haramaze kwangirika byinshi nk'uko byagaragaye ku bigo bimwe na bimwe nka Hotel Regina na Guest House Kibuye.

Mu gihe Urwego rw'Umuvunyi rwasuraga SP rwasanze hari ibirarane by'amafaranga yo kugura ibitabo bikubiyemo amabwiriza y'isoko kuko byari byaratanzwe ku mwenda kandi icya mbere gisabwa kugira ngo wemererwe gupiganira isoko ari ukugura icyo gitabo.
N'ubwo ubwo buryo bw'imikorere burimo gukosorwa, Urwego rw'Umuvunyi rwasabye SP kwihutira kwishyuza ibyo birarane no gukurikirana ababigizemo uruhare.

Ubwo Urwego rw'Umuvunyi rwasuraga SP, amasoko amwe n'amwe y'ibikoresho yatangwaga batamenyesheje Ikigo cy'Igihugu gishinzwe gutanga amasoko ya Leta nk'uko amategeko abiteganya. Rwasabye SP ko yubahiriza amategeko y'itangwa ry'amasoko ya Leta.
Kugira ngo kwegurira ibigo bya Leta abikorera ku giti cyabo bikorwe mu mucyo, Urwego rw'Umuvunyi rurasanga hakwiye uburyo bwo guha uruhare abafite aho bahurira n'ibikorwa

by’ikigo kigiye kwegurirwa abikorera ku giti cyabo bagatanga ibitekerezo, ntibibe umwihariko wa SP gusa.
Amasezerano SP igirana n’abeguriwe ibigo usanga ari rusange ku bigo byose, hatitawe ku mwihariko wa buri kigo.

Urwego rw’Umuvunyi rwasanze kandi hari bimwe by’ingenzi bibura muri ayo masezerano, rubagira inama runabakorera umushinga wa kontaro mbonera ugaragaza ibikwiye kugaragara iteka muri kontaro, ibindi bikaba umwihariko wa buri kigo.

Nko mu bigomba kugaragara muri buri kontaro twavuga:
inshingano za buri wese n’igihe zigomba kuba zubahirijwe,
ibihano byahabwa utubahirije ayo masezerano.

Kontaro iteye ityo yagabanya ubwumvikane buke bukunze kugaragara hagati ya Leta n’uwari weguriwe ikigo mu gihe cyo kucyisubiza, n’ubwumvikane buke ku bihano n’ibindi byemezo bifatirwa abatishyuye cyangwa abatinze kwishyura.

Urwego rwasanze hari akajagari mu gutanga inshingano kuko abakozi bamwe bamburwaga inshingano zigahabwa abandi, abazambuwe ntibahabwe izindi. Urwego rwagiriye inama SP ko byaba byiza buri wese akoze ibiri mu nshingano ze nk’uko zigaragazwa mu mbonerahamwe y’imirimo, hagira n’igihinduka mu nyungu z’akazi bigakorerwa inyandiko.

Uburyo bwo kubika inyandiko no guhererekanya amadosiye na bwo burimo ikibazo kuko hagiye hagaragara amadosiye atuzuye, andi avangavanze, hakaba n’aho dosiye ibura. Ibi ubwabyo bigaragaza imikorere mibi bikaba n’icyuho cya ruswa kuko bituma usoma dosiye ku mpamvu zinyuranye zirimo no kuyigenzura, adahita abonera icyarimwe ibiyikubiyemo.
Hagaragaye n’ibigo byari byarakorewe igenzura ry’umutungo mbere ya 1994 biza kugurishwa nta rindi genzura rikozwe nyuma yo kononekara cyangwa gusenywa n’intambara.
Urwego rw’Umuvunyi rwagaragarije SP ko hakozwe bene ayo magenzura agaciro k’ikigo kakamenyekana, byatuma mu gihe havutse impamvu yo gusesa amasezerano ikigo kigurishwa mu mucyo.

II.2.2 Inama y’ Igihugu ishinzwe gutanga amasoko ya LETA (NTB).

Inama y'Igihugu ishinzwe gutanga amasoko ya Leta (NTB) yashyizweho kugira ngo ikurikirane itangwa ry'amasoko ya Leta. Yashyizweho n'icyemezo cy'Inama y'Abaminisitiri mu mwaka wa 1997 ariko kugeza ubwo Urwego rw'Umuvunyi rwayisuraga hari hategerejwe itegeko riyishyiraho .

II.2.2.1. Inshingano

N'ubwo umushinga w'itegeko rigenga Inama y'Igihugu ishinzwe gutanga amasoko ya Leta (NTB) ukirimo kunononsorwa mu Nteko Ishinga Amategeko, NTB ifite inshingano zikurikira :

kugenzura iyubahirizwa ry'amategeko ariho agenga itangwa ry'amasoko ya Leta hamwe na politiki yerekeye itangwa ry'ayo masoko bigenwa n'Inama y'Abaminisitiri;

gukurikirana ishyirwa mu bikorwa ry'amasoko yatanzwe n'izindi nzego no kureba niba amahame ngenderwaho muri politiki y'itangwa ry'amasoko ya Leta ari yo gukorera mu mucyo kandi ibikozwe bigakorwa neza, gushyira mu gaciro, no kudasesagura;

gutanga amasoko ya Leta afite agaciro kari hejuru ya 100.000.000 Frw.

Urwego rw'Umuvunyi rwakemanze ibyakozwe mu kunoza imikorere ya NTB ndetse no gutunganya umurimo wayo kuko hagombye kuba harabanje kujyaho itegeko, rigakurikirwa n'amategeko-teka n'amabwiriza.

II.2.2.2. Ibyo inama y'igihugu ishinzwe gutanga amasoko ya Leta yagezeho mu gushyira mu bikorwa inshingano zayo

Inama y'Igihugu ishinzwe gutanga amasoko ya Leta yashoboye guhugura bamwe mu bakozi bagize utunama dutanga amasoko mu nzego za Leta zitandukanye kugira ngo habeho kunoza itangwa ry'amasoko ya Leta.

Ku bijyanye no gukurikirana itangwa ry'amasoko, NTB igerageza kugira inama ibigo byatanze isoko byirengagije amategeko, iyo uwarenganye ayiyambaje.

NTB yagabanyije akajagari mu itangwa ry'amasoko ya Leta n'isesagura ry'umutungo wa Leta, n'ubwo inzira ikiri ndende.

II.2.2.3. Ibitaragerwaho n'uko byagerwaho

Amabwiriza agenga itangwa ry'amasoko ya Leta ni rusange ku buryo bitewe n'imiterere y'ibigo bimwe na bimwe bigorana kuyubahiriza. Urugero rwatangwa ni ibigo by'amashuri bigira ingorane yo gukoresha ubwo buryo mu igura ry'ibiryo by'abanyeshuri. Ibaruwa n° 5046/12.00 Minisitiri w'amashuri yandikiye abayobozi b'ibigo by'amashuri yabasabaga kugurira abaturage baturanye n'ibigo by'amashuri mu rwego rwo kubateza imbere, iyi baruwa ikaba inyuranya n'amabwiriza agenga itangwa ry'amasoko ya Leta.

Urwego rw'Umuvunyi rwasanze itangwa ry'amasoko arebana n'ibiryo by'abanyeshuri arimo ibibazo byihariye bikwiriye ibisubizo byihariye:
ibiciro by' ibiribwa bihora bihindagurika;
hari ibiribwa bitaboneka bitewe n'ibihe n'uko umwero umeze;
abacuruzi bamwe na bamwe ntibafite imodoka zo kujya kuzana ibiribwa hirya no hino aho biboneka, kandi bamwe muri bo bakaba banga kwitabira ayo masoko kuko bibasaba kwiyandikisha muri RRA badashaka ko ibamenya;
abacuruzi binubira gutinda kwishyurwa no gukatwa 3% ku musoro ku nyungu (itegeko rishya rizakemura iki kibazo kuko abafite quitus fiscal batazongera kujya bayakatwa);

Urwego rw'Umuvunyi rwasabye Inama y'Igihugu ishinzwe gutanga amasoko ya Leta kwerekana umurongo ngenderwaho wo gutanga amasoko mu bigo biteye ku buryo bwihariye nk'ibigo by'amashuri.

Urwego rw'Umuvunyi rwasanze mu itangwa ry'amasoko ya Leta hakunze kubamo impamvu zitirirwa ko zihutirwa bigatuma itangwa ry'isoko rikorwa hirengagijwe amabwiriza y'itangwa ryaryo.
Urwego rw'Umuvunyi rusanga NTB ikwiye gukangurira abagize utunama dutanga amasoko mu bigo no mu nzego za Leta gushishikarira gukora igenamigambi y'itanga ry'amasoko kandi bagakurikirana niba bikorwa.

Ubwo Urwego rw'Umuvunyi rwasuraga ibigo rureba uko amasoko atangwa, rwasanze utanga isoko ari na we ujya kwaka inyemezabuguzi ngereranyo. Ibyo bikaba atari byiza kuko bishobora kuba icyuho cya ruswa kuko utanga isoko ashobora kwereka ibiciro byatanzwe n'abandi bacuruzi uwo ashaka ko yahabwa isoko.

Urwego rurasaba ko mu itanga ry'amasoko hakoreshejwe inyemezabuguzi ngereranyo, izo nyemezabuguzi zajya zitangwa mu mabahasha afunze kandi isoko rigatangwa n'Akanama kabishinzwe.

Urwego rw'Umuvunyi rwasanze NTB idakurikirana iyubahirizwa ry'amasezerano y'isoko, kuko rimwe na rimwe ba Rwiyemezamirimo bakora ibitandukanye n'ibyo bemeye. Rwasanze kandi hari icyuho cya ruswa kigaragara ahanini mu itegura ry'igitabo cy'amabwiriza y'isoko, kuko usanga rimwe na rimwe hakoreshwa amayeri agamije guha isoko umuntu/ikigo runaka bitewe n'ibisabwa baba bazi ko yujuje.

Urwego rw'Umuvunyi rwagejeje ku Nama y'Igihugu ishinzwe gutanga amasoko ya Leta icyifuzo cy'uko yabikurikirana, byanashoboka hagashyirwaho ishami ry'umurimo ryashingwa ikurikirana ry'ishyirwa mu bikorwa ry'ibikubiye mu masezerano y'amasoko ya Leta aba yatanzwe, ndetse urwo rwego rukanagenzura uko yateguwe mu nzego zitandukanye.

Gukurikirana itangwa ry'amasoko byakemura kandi ikibazo cya ba Rwiye-mezamirimo bahabwa amafaranga yo gutangira ariko ntibigere bakora imirimo bahawe, Urwego rukaba rusanga NTB yagombye kumva ko ifite inshingano yo kubashyikiriza inzego z'Ubutabera.

Ku bijyanye n'amasoko yakirwa uburenganzira bwo gutangwa muri NTB, Urwego rw'Umuvunyi rwayigiriye inama yo gusobanura inzira dosiye inyuramo yakirwa, ingingo ngenderwaho isuzumwa n'igihe dosiye imara kugira ngo ibe yarangiye, kuko uko bikorwa ubu bidasobanutse.

Mu igenzura ryakozwe ku itangwa ry'amasoko ya Leta, hagaragaye ko ba Rwiyemezamirimo bamwe na bamwe batubahiriza inshingano zabo nyamara bagakomeza kujya gupiganira n'andi masoko ya Leta kandi itegeko riteganya ko abantu nk'abo bagomba gushyirwa ku rutonde ntibongere gupiganira amasoko ya Leta.
Urwego rw'Umuvunyi rwasabye ko iryo tegeko ryakubahirizwa mu buryo bwihutirwa.

II.2.3. Ikigo cy'ubugenzuzi bukuru bw'imari ya LETA (OAG).

II.2.3.1. Inshingano

Ikigo cy'Ubugenzuzi Bukuru bw'Imari ya Leta cyashyizweho n'Itegeko n°05/98 ryo ku wa 04/6/1998, kikaba gishinzwe kugenzura iyubahirizwa ry'amategeko agenga imicungire y'umutungo wa Leta mu bijyanye n'isohoka ry'amafaranga, icungwa ry'ibikoresho n'itangwa ry'amasoko. Kireba kandi uko abagenzurwa bigenzura ubwabo mu iyubahirizwa ry'ayo mategeko.
Ikigo cy'Ubugenzuzi Bukuru bw'Imari ya Leta gikora igenzura hakurikijwe gahunda y'umwaka ikigo cyihaye hiyongereyeho n'izindi nzego Leta yasabira igenzura ku buryo bwihariye.

Urwego rw'Umuvunyi rwasuye icyo kigo rureba imikorere yacyo n'ibyo cyagezeho, runasura zimwe mu nzego za Leta zagenzuwe na cyo kugira ngo rurebe uko zishyira mu bikorwa inama cyazigiriye nyuma y'uko zigenzuwe.

II.2.3.2. Ibyagezweho

Ikigo cy'Ubugenzuzi Bukuru bw'Imari ya Leta cyageze ku rwego rushimishije rwo kurwanya ruswa muri cyo ubwacyo no mu zindi nzego za Leta.

Ku bijyanye n'imikorere yacyo ubwacyo, cyashyizeho ingamba nziza z'imicungire y'umutungo wa Leta kandi gikora ku buryo zubahirizwa.
Ikigo cy'Ubugenzuzi Bukuru bw'Imari ya Leta kimaze kwandika igitabo gikubiyemo amabwiriza ashingiye ku mahame yemewe ku rwego mpuzamahanga agenga uko ubugenzuzi na raporo bikorwa (guide de l'auditeur). Cyanashyizeho amabwiriza agenga imyitwarire y'abakozi bacyo.

Naho mu zindi nzego za Leta, Ikigo cy'Ubugenzuzi Bukuru bw'Imari ya Leta cyagize uruhare mu kurwanya ruswa n'inyereza ry'umutungo gishishikariza inzego zinyuranye kubahiriza amategeko agenga ibaruramari n'imitangire y'amasoko ya Leta.

II.2.3.3. Ibyo ubugenzuzi bukuru bw'imari ya leta butagezeho n' uko byakemuka

Urwego rumaze gusura bimwe mu bigo byagiriwe inama na OAG byarugaragariye ko ibigo n'inzego za Leta bidashyira mu bikorwa inama byagiriwe n'Ubugenzuzi Bukuru bw'Imari ya Leta, rukaba rusaba ko izo nama zihabwa agaciro kugira ngo imicungire y'umutungo wa Leta

ikorwe mu mucyo. Urwego rwasabye kandi OAG gufatira ibyemezo abadashyira mu bikorwa inama bagirwa.

Mu bigo bimwe na bimwe Urwego rwasuye, rwasanze raporo z'Ubugenzuzi Bukuru zishyikirizwa inzego za Leta n'ibigo byayo ziba ibanga ry'ubuyobozi gusa cyane iyo ubuyobozi bw'ikigo cyagenzuwe nabwo bunengwa muri iyo raporo. Urwego rusanga izo raporo zajya zimenyeshwa abakozi bose cyane cyane abarebwa n'ibivugwamo kandi bashinzwe kubishyira mu bikorwa. Rurasanga kandi hakwiye kuba ubufatanye bw'Inzego zose zifite ubugenzuzi mu nshingano zazo mu gukurikirana ishyirwa mu bikorwa ry'inama z'Ubugenzuzi Bukuru bw'Imari ya Leta (Pariki,Inteko Ishinga amategeko, Urwego rw'Umuvunyi, Police..).

Bitewe n'uko Urwego rw'Umuvunyi rwasanze abagenzuzi ari bake bikabangamira ikorwa ry'amagenzura yose akenewe. Bakwiye ko bongerwa ndetse n'ibikoresho bikongerwa kugira ngo ikigo gikore amagenzura ahagije, kandi raporo zibonekere igihe.

Ikigo cy'Ubugenzuzi Bukuru bw'Imari ya Leta ntigikoresha cyane ububasha bwose bw'ubugenzacyaha gihabwa n'amategeko. Ibi bigaragara iyo ugereranije umubare w'amakosa kigaragaza muri raporo zacyo n'umubare w'ibirego kimaze gushyikiriza inzego z'ubutabera. Abari mu igenzura bose bari bakwiye guhabwa ububasha bw'ubugenzacyaha kuko hari abo basanga bakora ibyaha by'inyereza ntibiborohere mu kubakurikira kubera ko ububasha bw'ubugenzacyaha bwahawe Umugenzuzi Mukuru n'Umugenzuzi Mukuru Wungirije bonyine.

Hari inzego zimwe zifite abagenzuzi b'imbere batorohereza abakozi b'Ubugenzuzi Bukuru bw'Imari ya Leta mu kubaha raporo zabo kugira ngo bazifashishe mu gushaka amakuru yatuma bashobora guhitamo aho byihutirwa gukora igenzura mbere y'ahandi. Urwego rusanga ibi bikwiye gukosorwa ndetse abo bagenzuzi bakajya bafatirwa ibyemezo.

II.2. 4. Ishami ryihariye rikorera muri Ministeri y'imari n'igenamigambi rishinzwe guhuza ibikorwa by'ishoramari rya Leta (CEPEX).

II.2.4.1. Inshingano

CEPEX ni ishami ryihariye rikorera muri Ministeri y'Imari n'igenamigambi rishinzwe guhuza ibikorwa by'ishoramari rya Leta uhereye mu itegurwa ry'imishinga, kugira uruhare mu mishyikirano n'abaterankunga, gukora gahunda y'imishinga no gukurikirana ishyirwa mu bikorwa ryayo kugira ngo Igihugu kirusheho gutera imbere.

Ubwo Urwego rwarisuraga rwasanze ririmo kuvugururwa nk'uko byemejwe n'Inama ya Guverinoma ndetse imwe mu mirimo ryakoraga yararangije kwimurirwa muri MINECOFIN.

Urwego rw'Umuvunyi, nyuma yo gusura CEPEX, rwasuye imwe mu mishinga itandukanye, rureba bimwe mu bikorwa byayo kugira ngo hamenyekane uruhare rwa CEPEX mu mishinga ya Leta.

II.2.4.2 Ibyagezweho

CEPEX igenzura ishyirwa mu bikorwa ry'imishinga ikanagira inama Minisiteri iyo mishinga ikoreramo ndetse n'iyo mishinga ubwayo.
Hari imishinga imwe n'imwe yizwe kandi ikorerwa igenzura ku buryo muri iki gihe igenda neza.

II.2.4.3. Ibitaragerwaho n'uko byakemuka

Urwego rwasanze hari imishinga imwe n'imwe idindira kubera abatsindira amasoko ntibayakore kandi ntibakurikiranwe. Rwasabye CEPEX ko ikwiye kubamenyesha Inama y'Igihugu ishinzwe gutanga amasoko ya Leta kugira ngo ibashyire ku rutonde rw'abatemerewe kongera gupiganirwa amasoko ya Leta.

Urwego rw'Umuvunyi rwasanze hari indi mishinga iba yarizwe nabi bigatuma ishyirwa mu bikorwa ryayo rigorana. Ibi biterwa n'uko abo umushinga uzagirira akamaro baba bataragishijwe inama mu itegurwa ryawo kugira ngo bawugire uwabo, rimwe na rimwe hataranitaweho gusuzuma niba uberanye n'aho uzakorera.

Urwego rwasanze kuba mu kwiga imishinga , ibizerekana umusaruro (indicateurs des résultats) bitarabanje guteganywa na yo ari imbogamizi ituma kuyikorera isuzuma no kugira

ngo inkunga yemerewe itangwe bidashoboka. Urwego rwasabye CEPEX ko ibyo byakosorwa.
Urwego rwasanze hari imishinga icungwa nabi n'abahuzabikorwa bayiyobora (coordinateurs de projet) kandi CEPEX ikaba itagira uruhare mu kubashyiraho no kubakuraho mu buryo butaziguye, kuko akenshi bashyirwaho na za Minisiteri umushinga ukoreramo zifatanyije n'abaterankunga.

Mu magenzura CEPEX ikora, iyo igaragaje imikorere mibi y'umuhuzabikorwa w'umushinga hakunze kubaho ukutumvikana kwayo na Minisiteri ndetse n'umuterankunga.
Urwego rwasabye ko CEPEX yahabwa ububasha bwo gukora raporo ku mikorere y'Umuhuzabikorwa w'umushinga no kumusabira ibihano igihe bigaragaye ko yacunze nabi umushinga.

Urwego rwasanze nta mategeko agenga ishoramari rya Leta agena uburyo abafite uruhare mu mushinga bagomba gukorana, rutanga inama ko ayo mategeko yakwihutishwa, hakagenwa mu buryo busobanutse imikoranire y'inzego kandi hagateganywa ibihano bihabwa utakoze imirimo iri mu nshingano ze, yaba umuntu ku giti cye cyangwa urwego runaka.

Urwego rwanatanze inama ko ivugururwa ry'amategeko agomba kugenga CEPEX ryakwihutishwa kuko hari ibyatekerejwe mu ivugururwa rya CEPEX byatangiye gushyirwa mu bikorwa nko kwimura serivisi zimwe na zimwe muri MINECOFIN.
Urwego rwasanze kandi hari ibigo cyangwa Minisiteri byiyumvikanira n'abatera-nkunga bagahabwa inkunga yo gukora imishinga itanyujiijwe muri CEPEX, bigatuma idashobora kuyikurikirana kandi iyo mishinga ishobora kuba hari n'ahandi iri, ugasanga ari ugutatanya ingufu mu ishoramari rya Leta.

Urwego rwasanze bamwe na bamwe mu bayobozi b'imishinga badatanga raporo basabwa ku mishinga bakuriye kandi izo raporo zafasha mu gukora gahunda y'imyaka 3 (Plan d'Investissement Public: PIP) no guhuza ibikorwa binyuranye birebana n'ishoramari rya Leta. Ibyo ni nko kumenya uburyo imishinga isohora amafaranga kugira ngo itagenerwa amafaranga menshi idashobora gukoresha mu mwaka umwe kandi hari indi mishinga ishobora kuyakoresha.

Mu micungire y'imishinga yo mu Rwanda, Urwego rw'Umuvunyi rwasanze hagaragaramo no kunanirwa gukoresha amafaranga yayigenewe (incapacité d'absorption) ahanini bitewe n'igenamigambi ridakorerwa igihe cyangwa n'imikorere mibi y'abashinzwe gucunga umushinga no kuwugenzura. Urwego rurasaba inzego za Leta guhagurukira gukora igenamigambi ku gihe.

Abakozi ba CEPEX ni bake ku buryo amagenzura yose akenewe adakorwa, hakitabwa gusa ku mishinga ifite akamaro runaka (projets stratégiques) n'ifite amafaranga menshi. Urwego rurasaba Mnisiteri n'ibigo bya Leta bikorerwamo imishinga ko byashyira ingufu mu kuyikurikirana.

CEPEX yagaragaje impungenge z'ubumenyi buke bw'abajya mu mishyikirano n'abaterankunga, ugasanga imishinga yarateguwe n'umuterankunga kuri 90%.
Ibyo bituma habamo ingingo zigorana gushyira mu bikorwa bitewe n'uko abashyikirana bo ku ruhande rw'u Rwanda bagira ibyo bemera bataratekereje ku ngaruka zabyo. Hari n'ubwo babura uko bahakana ibyo batemera, abaterankunga bakabemeza ibyo bifuza, rimwe na rimwe bitanajyanye n'ibikenewe. Ibi kandi byagaragariye mu kuba hari abakozi bakurikirana imishinga itajyanye n'ibyo bize. Urwego rwasabye CEPEX ko hatezwa imbere ubuzobere bw'abakozi muri buri cyiciro cy'umushinga.

Urwego rusura CEPEX rwasanze hari imikorere myiza ariko itanditse. Urwego rugira CEPEX inama yo gushyiraho amabwiriza ngengamikorere kugira ngo ibikorwa ubu byandikwe bakorere mu mucyo.

Hari n'imishinga itagira umugenzuzi w'imbere bitewe n'uko yateguwe. Inzego zibishinzwe zikwiye kubikosora. Urwego rwagiriye CEPEX inama yo guharanira ko buri mushinga wagira umugenzuzi w' imbere.

II.2.5 Ikigo cy'igihugu gitsura ubuziranenge (RSB).

II.2.5.1. Inshingano

Ikigo cy'Igihugu gitsura Ubuziranenge (RBS) cyashyizweho n'Itegeko n°03/2002 ryo ku wa 19/02/2002. Iki kigo gishinzwe gusuzuma niba ibicuruzwa biva mu mahanga ndetse

n’ibikorerwa mu gihugu byubahirije amabwiriza y’ubuziranenge. Gishinzwe kandi gutanga ibyemezo by’ubuziranenge ku nganda zujuje ibyangombwa no guhagarika izitabyujuje.

Iyo RBS isanze ibicuruzwa bivuye mu mahanga bitujuje amabwiriza y’ubuziranenge asabwa n’u Rwanda, isaba nyirabyo kubisubiza mu mahanga atabyemera bigatwikwa.

RBS yubahiriza inshingano zayo igamije kurengera ubuzima bw’abaturarwanda n’uburenganzira bwabo, no guha icyizere abanyenganda.

II.2.5.2. Ibyo Ikigo cy’Igihugu gitsura ubuziranenge cyagezeho mu gushyira mu bikorwa inshingano zayo

Hifashishijwe inama z’impuguke zirimo n’abanyenganda cyangwa se abakozi bazo, RBS yashyizeho amabwiriza y’ubuziranenge ku bicuruzwa bimwe na bimwe ikanabikorera igenzura, bityo igakumira ku masoko ibicuruzwa bitubahirije ayo mabwiriza byaba ibyinjira mu Gihugu cyangwa se ibisohoka.
RBS igira kandi inama inganda mu bijyanye n’ubuziranenge bw’ibicuruzwa bw’ibyo zikora kugira ngo zizifashe kurushaho kunoza imikorere yazo.

II.2.5.3. Ibitaragerwaho n’icyakorwa

Ingingo ya 27 y’Itegeko rishyiraho RBS iteganya ko amabwiriza ntarengwa agenwa n’Itegeko cyangwa n’izindi nyandiko z’ubuyobozi bubifitiye ububasha, kandi agatangazwa mu Igazeti ya Leta. Ubwo Urwego rw’Umuvunyi rwasuraga RBS rwasanze igenzura ikanatanga ibihano kandi nta mabwiriza ntarengwa yari yatangazwa mu igazeti ya Leta, icyo kikaba ari ikibazo cyo kutubahiriza amategeko. Urwego rw’Umuvunyi rwabasabye ko amabwiriza yajya abanza agasohoka mu Igazeti ya Leta mbere yo kuyashingiraho batanga ibihano, kugira ngo hatagira uwitwaza ko atayazi.

Ingingo ya 15,3 y’Amabwiriza n^{o} 01/2004 y’Ikigo gitsura ubuziranenge arebana n’itangwa ry’icyemezo cy’ubuziranenge cy’ibicuruzwa bitumizwa mu mahanga, ivuga ko ikiguzi cy’icyemezo cy’ubuziranenge gihwanye na 0.2% y’ayatanzwe mu bwikorezi n’ubwishingizi. Ariko si ko bikorwa kuko RBS ica ikiguzi gihwanye na 0.2% y’ayatanzwe mu bw’ikorezi

n’ubwishingizi wongeyeho ikiguzi cy’ibicuruzwa (CIF) cyangwa se bagaca amafaranga bashingiye ku murimo nyakuri bakoze n’uburemere bwawo.
Urwego rw’Umuvunyi rusanga kandi RBS yari ikwiye kubahiriza amabwiriza yashyizeho yasanga hari imbogamizi atera ikayahindura kugira ngo ahuzwe n’ibikorwa.

RBS yasabwe kandi kwihutisha ishyirwaho ry’umunyamategeko wabagira inama mu iyubahirizwa ryayo kugira ngo bikumire amakimbirane avuka mu mikorere n’imikoranire y’abo n’izindi nzego.
Byaba byiza kandi RBS yatse ikiguzi ishingiye ku kazi yakoze hakurikijwe uburemere bw’ako (test, aho zakorewe, ubwoko bwa test); birakwiye kandi ko ibyanditse mu mabwiriza bihuzwa n’ibikorwa, byaba ngombwa amabwiriza agahinduka.
Abakozi ba RBS bakora mu bubiko bwa MAGERWA bafite ububasha bwinshi cyane kuko ari bo bonyine bemeza ko ibicuruzwa byinjiye mu Gihugu byubahirije amabwiriza y’ubuziranenge, bakabyemerera gusohoka bonyine, nta rindi genzura rikozwe nta n’uburyo bwo kubagenzura buriho. Urwego rurasanga ubwabyo ari imikorere mibi n’icyuho cya ruswa gikwiye kuzibwa.

Urwego rw’Umuvunyi rwasanze kandi abakozi bafite n’ububasha bwo kwemerera umucuruzi runaka gusohora ibicuruzwa bye kandi biri hafi kurenza igihe ntarengwa, byagenewe cyo kuba byakoreshejwe iyo agaragaje ko ashobora kubikoresha mbere y’icyo gihe.
Urwego rw’Umuvunyi rwifuje ko ubwo burenganzira bwajya butangwa n’ukuriye uwo mukozi ashingiye ku mushinga w’icyemezo wakozwe n’umukozi. Rwifuje kandi ko habaho gukurikirana iyubahirizwa ry’ibyo abo bacuruzi bemeye.

Urwego rw’Umuvunyi rwasanze RBS itanga icyemezo cy’ubuziranenge kimara umwaka umwe kandi idafite ubushobozi bwo gukora igenzura ry’ubuziranenge buri mwaka, bikaba bishobora gutuma inganda zirara bityo rukaba rwifuza ko iryo genzura ryajya rikorwa buri gihe.

Ubwo Urwego rw’Umuvunyi rwasuraga RBS rwasanze idakora inyandikomvugo z’ibikorwa binyuranye biri mu nshingano zayo nko gutwika ibicuruzwa, kubyohereza hanze y’Igihugu, gufunga uruganda, kurekura ibicuruzwa by’agateganyo rubagira inama yo kujya babikorera inyandiko.

Urwego rwasabye kandi RBS gushyiraho uburyo busobanutse bwerekana inzira zikurikizwa mbere yo guhagarika ibikorwa by'uruganda, uburyo bwo kujurira ndetse n'ibihano byahabwa abasuzuguye ibyemezo bya RBS.

Ubwo Urwego rwasuraga RBS rwasanze hari ikibazo cy'imikoranire n'Ikigo cy'Igihugu gishinzwe imisoro n'amahoro (RRA) kubera ko umucuruzi abanza kwishyura imisoro n'amahoro mbere yo gupimisha ubuziranenge bw'ibicuruzwa bye bikaba byatuma ibicuruzwa bitwikwa cyangwa bigasubizwa yo kandi yabanje kwishyura.

Kugira ngo hatabaho akarengane gatewe n'akazi ka RBS, Urwego rwasabye RBS ko ikwiye kuvugurura imikorere yayo ikajya ipima ubuziranenge bw'ibicuruzwa mbere y'uko bisoreshwa.

Mu rwego rwo kurengera abaturage, Urwego rw'Umuvunyi rwasabye RBS gushyiraho uburyo bugera kuri benshi urutonde rw'ibintu bibujijwe n'ububi bwabyo nk'amabuye ya Tiger n'amavuta yo kwisiga amwe n'amwe.
Urwego rwasanze RBS ifite ikibazo cyo kumenya aho ububasha bwayo bugarukira, ibyo byagaragariye mu kuba yaragombye kubanza guhwiturwa ngo yunganire MINISANTE ku bibazo by'isuku y'ibiribwa no kuba itita ku bicuruzwa by'ibyiganano. Urwego rwemera ko kugenzura ibicuruzwa by'ibyiganano bitari mu nshingano zitaziguye za RBS, ariko mu buryo buziguye, igicuruzwa cy'icyiganano gitizwa isura n'umwambaro nyakuri gisanzwe gifite ubuziranenge, bityo bigatuma abaguzi batamenya ubuziranenge nyakuri bw'ibyo baguze.
Urwego rw'Umuvunyi rwagiriye RBS inama yo gufatanya n'izindi nzego bifite aho bihurira mu nshingano zazo nka MINICOM, RRA, FRSP, n'izindi…

II.2. 6. Ikigo cy'Igihugu gishinzwe kwinjiza imisoro n'amahoro (RRA).

Ikigo cy'Igihugu gishinzwe kwinjiza imisoro n'amahoro (RRA) ni ikigo cyashyizweho n'Itegeko n°15/97 ryo ku wa 08/11/1998.
Mu mikorere yayo ya buri munsi, ikoresha amategeko n'amateka anyuranye arebana n'iby'imisoro amwe muri ayo mategeko ni aya akurikira:

Itegeko n°08/97 ryo ku wa 26/6/1997 rigena imisoro itaziguye ku nyungu zinyuranye no ku bihembo nk'uko ryahinduwe kandi ryujujwe kugeza ubu; Itegeko n°09/97 ryo ku wa 26/6/1997 rigena imitunganirize y'isoresha nk'uko ryahinduwe kugeza ubu;

Itegeko n°06/2001 ryo ku wa 20/01/2001 rishyiraho umusoro ku nyongera-gaciro nk'uko ryahinduwe kugeza ubu.

II.2.6.1. Inshingano

RRA ishinzwe gufasha gushyiraho imisoro n'amahoro, kuyakira no gukorera raporo Minisiteri y'Imari, kugira inama Guverinoma ku bijyanye na politiki y'imisoro n'amahoro no gushyira mu bikorwa politiki y'imisoro n'amahoro.

II.2.6.2. Ibyo Ikigo cy'Igihugu gishinzwe kwinjiza imisoro n'amahoro cyagezeho mu gushyira mu bikorwa inshingano zacyo.

RRA yubatse inzego n'uburyo bwiza bw'imikorere muri rusange. Igarura imisoro myinshi iba yarigishijwe iyo hakozwe igenzura.

RRA yashyizeho ingamba n'inzego nyinshi byo kurwanya ruswa n'akarengane nko kuba igenzura rikorwa n'abantu babiri, inzira z'ubujurire mu nzego zayo, hagabanyijwe urujya n'uruza rwa buri kanya rw'abasoreshwa n'abakozi mu gihe bitari ngombwa.
RRA yashyizeho umunsi w'abasoreshwa nk'uburyo bwo kububaha no kubashimira uruhare rwabo mu iterambere ry'Igihugu.

RRA yagize uruhare runini mu gutangiza ivugururwa ry'amategeko asanzwe kugira ngo arusheho kunoga.

Urwego rw'Umuvunyi rwishimiye ko byinshi mubyo rwaganiriye na RRA ku byakosorwa ku mishinga y'amategeko yarimo yigwa n'Inteko igihe rwayisuraga byitaweho rukaba rusaba ko ibijyanye no guhuza imyandikire y'ayo mategeko mu ndimi zitandukanye byazitabwaho by'umwihariko.

Urugero nko ku kibazo cy'abasoreshwa bajyaga bagira ingorane zo kubona ikimenyetso cy'uko bishyuye 3% mu masoko ya Leta kuko ayo atazajya akatwa abasoreshwa beza bafite "quitus fiscal", ariko Urwego rwasabye RRA ko no ku bandi basoreshwa bakiyatanga RRA yajya yaka ikimenyetso ibigo bitanga amasoko bitabaye ngombwa ko basiragiza ababagana.

II.2.6.3. Ibitaragerwaho n'uko byakemurwa

Igihe Urwego rw'Umuvunyi rwasuraga RRA rwasanze hari ibitaragerwaho byizwe mu byiciro bitatu by'ingenzi ari byo: ibijyanye n'imisoro n'amahoro, ibijyanye no kurwanya magendu, n'ibyerekeye gasutamo.

Urwego rw'Umuvunyi rwasanze hari ikibazo cya ba Rwiyemezamirimo bacibwa umusoro ku nyongeragaciro ku nyemezabuguzi bakoze bakayishyura Leta ikamara umwaka itari yabishyura. Urwego rw'Umuvunyi rukaba rwaraba-gejejeho icyifuzo cya ba Rwiyemezamirimo ko bazajya bishyura ari uko Uwishyurira Leta (OT) amaze kubishyura, RRA yo ikavuga ko ikibazo kitari kuri bo kiri kubishyura amasoko ya Leta ndetse n'abayatanga kandi bazi neza ko nta mafaranga bafite.
Urwego rw'Umuvunyi na RRA bemeranya ko abatanga amasoko ya Leta bagomba kubanza gukora neza igenamigambi ry'amasoko, kureba niba bafite amafaranga mbere yo gutanga isoko no kuvanaho inzitizi zose zitinza kwishyura imirimo ya Leta.

Abagenzuzi ntibavuga rumwe ku biherwaho mu igenzura, urugero nko kwemeranya ku nyemezabuguzi n'inyungu isoreshwa kandi bigira uruhare runini mu kugena umusoro.
Urwego rw'Umuvunyi rwasabye RRA gushyiraho amabwiriza asobanutse yahuza imyumvire y'abagenzuzi bikabarinda gucishiriza kwa buri wese, kuko ari icyuho cya ruswa.
Urwego rwagiriye RRA inama yo gukora inyandiko ikubiyemo ibitekerezo n'ingamba abakora akazi kamwe baba baganiriyeho mu nama bakora ku bibazo bahura nabyo mu kazi kuko ibivuyemo byabera inganzo serivisi y'amategeko, maze uko bishobotse ayo mategeko n'amabwiriza agahuzwa n'igihe, haba mu nyungu z'umusoreshwa, ndetse n'iz'itegeko muri rusange.

Urwego rwasanze hari ahagaragaye kwinjiza abasoreshwa muri TVA hadakurikijwe amategeko. Abataranyuzwe n'iyo mikorere baranditse ntiba-subizwa, Urwego rwasabye RRA gushakira umuti icyo kibazo mu gihe kitarambiranye.

Itegeko rishyiraho RRA riyiha inshingano yo gukurikirana imisoro yeguriwe Uturere n'Imijyi, rinateganya kandi ko igira Leta inama mu birebana n'imisoro ikanashyiraho politiki yayo.

Nyamara Urwego rwasanze RRA ntacyo ikora kigaragara mu gukurikirana imisoro yeguriwe Uturere n'Imijyi no mu gukurikirana amahoro agenwa naza Njyanama.
Urwego rwasobanuriye RRA ko iyo ari inshingano yayo ikwiye gufatanya na Minisiteri y'Ubutegetsi bw'Igihugu, Imiyoborere Myiza, Amajyambere Rusange n'Imibereho Myiza y'Abaturage (MINALOC) cyane ko gushyiraho amahoro mashya ya buri gihe bishobora gutubya umusoro muri rusange no gutera abasoreshwa kwinuba.
Kuri icyo kibazo kijyanye n'imisoro yeguriwe Uturere n'Imijyi hagaragaramo kandi ikibazo cy'umusoro ku nyungu y'ubukode bw'amazu usanga ari muto cyane ugereranyije n'imisoro yindi ku nyungu. Byaba byiza iki kibazo nacyo kizwe kugira ngo abantu basore kimwe niba bafite inyungu zimwe.

Ikindi Urwego rwabonye ni uko umusoro w'ipatanti ugenwa ku buryo budahwitse urugero ugasanga ihoteli y'inyenyeri eshanu itanga ipatanti ingana n'iy'icumbi riciritse.

Urwego rwagejeje kuri RRA ikibazo cy'uko abanyarwanda batumiza ibintu hanze batari abacuruzi bacibwa 5% y'avansi ku musoro ku nyungu ariko ntibigere bayasubizwa kuko atari abacuruzi, aha Urwego rukaba rwaranyuzwe n'ibisubizo bya RRA by'uko kamere y'uwo musoro ari umusoro uherwaho mu kwishyura umusoro ku nyungu, bityo bikaba bivuga ko utishyura umusoro ku nyungu ntaho yahera awishyuza ndetse RRA yari ifite ubushake bwo guca intege abatumiza ibintu mu mahanga batagamije gucuruza cyangwa bagamije kubigurisha magendu batishyura imisoro.

Urwego rukaba rusanga iyi mpamvu y'ukuri kandi ifite ishingiro itagaragara mu itegeko, bityo imyandikire y'itegeko ikaba yari ikwiriye guhindurwa kugira ngo abanyarwanda bashobore kuyisobanukirwa.

Urwego rw'Umuvunyi rwasanze RRA ikwiye gushaka uburyo abasoreshwa itumira mu mahugurwa yayo bajya bayitabira bo ubwabo aho kohereza abakozi babo nkuko bimeze ubu kandi ibonereho kubakemurira ibibazo kuko imwe mu mpamvu yatumaga batitabira ayo mahugurwa ari uko yabagezagaho ibyayo aho kubatega amatwi. Urwego rw'Umuvunyi

rwasabye kandi RRA gutegura imfashanyigisho yahabwa abasoreshwa kugira ngo barusheho gusobanukirwa iby'imisoro.

Urwego rwasanze kuba abagenzuzi ari bake ugereranije n'ubwinshi bw'abasoreshwa bitera ibibazo bikurikira:
Abagenzuzi ntibagera ku basoreshwa bose ahubwo bahitamo abo bazakorera igenzura mu mwaka, hakoreshejwe uburyo bita "analyse du risque" ni ukuvuga isesengura ry'uko imisoro ishobora kunyerezwa.
Mu ntara hari n'aho usanga hari umugenzuzi umwe, ariko n'ahari babiri, usanga buri mugenzuzi akora iye dosiye n'undi iye nta buryo bwo kugenzurana buhari. Ibi biterwa n'uko akazi kababana kenshi kandi abagenzuzi ari bake.

Muri Gasutamo abakuriye abagenzuzi (contrôleur) ntibakurikirana amadosiye yakozwe n'abo bakuriye, kandi buri wese akora dosiye ye wenyine. Uretse iyo umugenzuzi agaragaje ko ahuye n'ikibazo.

N'ubwo RRA ivuga ko igenzura rikorwa nyuma y'imyaka itatu cyangwa irenga, ibyo bituma abacuruzi bariha inyungu nyinshi z'ubukererwe, kandi zibarwa uhereye igihe yakoreye imenyekanisha. Usanga bibangamira abasoreshwa kuko bishyuzwa inyungu z'ubukererwe guhera icyo gihe cyose aho kuzibara bahereye igihe igenzura ryakorewe.

Urwego rwamenyesheje RRA ko kuba umugenzuzi akora ari wenyine ari icyuho cya ruswa; rukaba rwarasabye ko hatirengagijwe ihame ryo kudatinza ubuhahirane, abagenzuzi bajya bakora mu matsinda urangije dosiye ayiha undi, bitaba ibyo RRA igakora inyigo yagaragaza uko byagenda abagenzuzi bongerewe niba batagenzura kenshi, bakaninjiza amafaranga menshi kandi bikarinda ingorane ziterwa n'uko ari bake.

Urwego rw'Umuvunyi rwasanze kandi hari ikibazo cy'igenagaciro ry'ibintu byatumijwe mu mahanga. Igihangayikishije ni uko abagenzuzi ndetse n'ababakuriye batazi ibicuruzwa uko byitwa mu ndimi z'amahanga (igifaransa n'icyongereza) bityo igihe babonye inyemezabuguzi ntibabasha kumenya icyo gicuruzwa icyo ari cyo ngo bagire aho bahera bavuga ko yakabije kugusha igiciro. Urwego rwasabye RRA gukoresha uburyo bwose mu kongera ubushobozi bw'abagenzuzi ba Gasutamo bakaba banahabwa ingedoshuri mu bihugu bikunze guturukamo ibicuruzwa.

Urwego rwasanze ko abasoreshwa badakora ibaruramari nta buryo buzwi bwo kugena umubare w'ibyacurujwe (chiffre d'affaire) hakabamo icyuho cya ruswa iyo umucuruzi n'umugenzuzi batumvikana ku mubare ubarirwaho umusoro. Ibyo umugenzuzi yemeje ntawe ubivuguruza, akaba ashobora guhanika umubare w'ibyacurujwe kugira ngo umusoreshwa atange ruswa. Kimwe n'uko umusoreshwa ashobora kugabanya umubare w'ayo yacuruje umugenzuzi akabiburira ibimenyetso bibivuguruza. Urwego rwasabye RRA gukangurira abasoreshwa kugira ibaruramari byatuma bakorera mu mucyo, RRA ikareka gucishiriza ahubwo igasoresha inyungu nyakuri.

Urwego rwasanze amategeko ateganya ibijyanye n'uburyo bwo kwishyuza atubahirizwa nk'igihe imitungo iba igomba gufatirwa ariko ntibikorwe. Ibi ni icyuho cya ruswa kuko umusoreshwa ashobora kubyuririraho akaba yarigisa imitungo yari kuzavamo ubwishyu bitagoranye. Urwego rukaba rwarasabye ko bikwiye gukosorwa amategeko akubahirizwa uko yakabaye.

Urwego rw'Umuvunyi rwasanze amategeko n'amabwiriza RRA igenderaho ari menshi kandi atatanye. Rukaba rwarasabye ko yabumbirwa mu gitabo kimwe asohotse mashya akagenda yongerwa mo, icyo gitabo kigashyirwa ku rubuga rw'itumanaho rya RRA. Urwego kandi rusanga hari hakwiye gutegurwa imfashanyigisho igenewe abasoreshwa kugira ngo babashe gusobanukirwa ibijyanye n'imisoro.

Hari amabwiriza na raporo z'inama Urwego rwasanze bivuguruza itegeko kuko hari amabwiriza ashyiraho imisoro n'andi mafaranga agomba gutangwa mu gihe imisoro igomba kugenwa n'itegeko gusa, hakaba amabwiriza agena uburyo ibigo byunganira abacuruzi mu imenyekanisha bigomba gukora anyuranye n'ibiteganywa mu ngingo ya 9 y'Iiteka rya Minisitiri. Hakaba n'amabwiriza agena uko ibihano bitangwa ku muntu wakoze ikosa mu bijyanye n'umusoro kunyongeragaciro anyuranyije n'Itegeko rishyiraho uwo musoro. Urwego rwasabye ko ibi bikosorwa kugira ngo hubahirizwe ingingo ya 93,3 y'Itegeko Nshinga yubahirizwa igena uburyo amategeko atandukanye agenda asumbana bityo bikaba bitumvikana uko amabwiriza yanyuranya n'amateka runaka.

Nyuma yo gusura RRA Urwego rw'Umuvunyi rwasanze imibikire y'amadosiye yayo ari ikibazo kikigoranye, kuko wasangaga dosiye y'umusoreshwa itari hamwe yose, buri shami ryibikira ibyo ryakoze, ibyo bigatuma umugenzuzi cyangwa undi wese adakora akazi ke neza.

Ku bijyanye no kurwanya magendu muri RRA, Urwego rwasanze imikorere y'ishami rya RRA rishinzwe kurwanya magendu rigira uruhare runini cyane mu kugaruza imisoro muri Gasutamo mu ifatwa ry'ibintu bitasorewe ariko indi misoro ntiyitabweho uko bikwiye, kandi magendu ikorwa mu misoro yose. Byaba byiza mu mahugurwa bagirirwa bakanguriwe no kwita ku yindi misoro.
Urwego rwifuje kandi ko haba uburyo bwo kugenzura Ububiko bwa RPD, haba ku buhuzabikorwa bw'intara, haba ku mipaka, ndetse n'i Gikondo kuko, usanga nta bundi buryo bwo kuyigenzura. Ibyo byaca n'akajagari usanga mu byafatiriwe kuko nta mazina ya ba nyirabyo yanditse ku byafatiriwe; hamwe na hamwe ugasanga ibyo bicuruzwa bitananditse mu gitabo cyabugenewe, kandi ntibikorerwe inyandikomvugo y'ifatira kuko byaba icyuho cya ruswa mu gihe ushinzwe gucunga ububiko yabisubiza uwo biyumvikaniye.

Urwego rwasanze hari ibicuruzwa by'abantu RPD ifatira mu maduka yabo ikabijyana mu bubiko bwayo, rimwe na rimwe ibivanye mu ntara ikabizana i Kigali, yanze kwemera impapuro yeretswe, byamara kugaragara ko za mpapuro ari iz'ukuri bakabisubizwa bakanishingira kubisubiza aho byafatiwe RRA ititaye ku gihombo yabateje. Ibi na byo ni icyuho cy'akarengane n'imikorere mibi, kubera ko nta ngaruka kuri we no ku kazi ke.
Urwego rusanga mbere yo gufatira ibintu RRA yagombye kubona neza ko ari magendu.

Urwego rw'Umuvunyi rwasanze henshi na henshi mu itangwa ry'ibihano muri gasutamo ku bantu bakoze magendu batarenza incuro ebyiri z'igiteranyo cy'amahoro n'umusoro ku nyongeragaciro byagombaga gutangwa kandi itegeko riteganya ibihano kugera ku ncuro cumi n'eshanu, impamvu batanga ikaba ari uko ngo batinya ko hafatirwa ibicuruzwa ba nyirabyo ntibaze kubyishyura bitewe n'uko agaciro kabyo kaba kari munsi y'amafaranga bagomba kuriha. Urwego rwishimiye ko umushinga w'itegeko rishya ucyigwa utanga igisubizo cyiza kuko uteganya ko hazajya hafatirwa n'umutungo w'uwakoze magendu.

Ikindi kibazo Urwego rwabonye ni uko inzoga za magendu zigomba gutezwa cyamunara zitangirwa ubuntu nta nyandikomvugo igaragaza irengero ryazo.
Urwego rw'Umuvunyi rukaba rwarasabye ko zajya zigurishwa mu mahoteli akomeye n'iyo nyandikomvugo igakorwa kugira ngo hatagira ubundi buriganya buzikorerwaho.
Ku byerekeye imikorere ya Gasutamo na ho hagaragaye ibibazo bijyanye n'imikorere yayo n'iy'inzego zikorana na yo. Kuba MAGERWA ivuga ko itaryozwa ibyangiritse cyangwa

ibyaburiye muri “parking” yayo, aho imodoka zinjirira mbere y’uko ibicuruzwa bigenerwa icyerekezo (régime) ngo bijye gupakururwa, ni ikibazo kuko imodoka zose zinjiramo zishyura amafaranga ya parking kandi iyo parking kandi ikaba irindwa na MAGERWA, Urwego rw’Umuvunyi rwasabye MAGERWA ko yakwemera uburyozwe bwose bw’ibyahangirikira.
Ku bijyanye no gupima imizigo, umukozi ubishinzwe wa MAGERWA abikora ari wenyine, nta buryo bwo kugenzura ibyo akoze buriho, nko mu gihe yaba yagabanije ibiro, kandi n’umunzani ukaba ari umwe, bikaba ari icyuho cy’uko imodoka ipimwa rimwe gusa kandi bigira ingaruka ku isoreshwa.

Urwego rw’Umuvunyi rwifuje ko imodoka zinjije mu Gihugu zajya zipimirwa ku mupaka, MAGERWA igakora ipima rya kabiri ryo kugenzura uburemera bw’imizigo; ibyo byavanaho n’impungenge z’uko imodoka zidatwikiriye zapakururirwa mu nzira. Urwego rw’Umuvunyi rwifuje kandi ko iryo pimwa ryakorerwa n’imodoka zinyamahanga zinyura mu Rwanda.

Urwego rw’Umuvunyi rwasanze MAGERWA ikoresha abakozi imyaka myinshi ari ba nyakabyizi batagira amasezerano y’akazi, ibyo bikaba ari ukwica amategeko nkana, no kurenganya abakozi, rubagira inama yo kubahiriza amategeko agenga umurimo no guha abakozi igihembo kijyanye n’umurimo bakoze.

Urwego rw’Umuvunyi rwasanze uburyo MAGERWA ibara amafaranga y’umurimo yakoze bwo guhera kugaciro k’ibicuruzwa aho guhera ku kazi yakoze bubangamira abasoreshwa kuko butarimo ukuri aho umusoreshwa yishyura menshi ntacyo yakorewe nko gutumiza ibiro bibiri bya zahabu yishyura menshi, naho uwazanye ferabeto akishyura make kuri yo kandi yakorewe imirimo myinshi. Urwego rurasaba MAGERWA ko yajya ica amafaranga ihereye ku mirimo iba yakoze.

Abasoreshwa binubira ibwiriza rivuga ko ibicuruzwa birengeje agaciro ku mafaranga ibihumbi 200.000 bigomba gusoresherezwa i Kigali kuko bivuna benshi batahatuye, bifuza ko ibisoresherezwa i Kigali byaba bifite akagaciro karenze 1.000.0000. N’ubwo ubuyobozi bwa gasutamo bwavuze ko ibyo byahindutse, Urwego rw’Umuvunyi rwasanze ku mipaka bitarahindutse.

Igihe Urwego rwasuraga Gasutamo rwasanze hari ikibazo cy’ubwumvikane buke hagati y’abunganira abacuruzi mu imenyekanisha na Gasutamu ku bijyanye n’ugomba kwishyura

igihe habaye ikosa mu imenyekanisha. N'ubwo ingingo ya 560 y'Igitabo cy'amategeko mbonezamubano, igitabo cya III iteganya ko uwishingiye undi yishyuzwa ari uko uwishingiwe adashoboye kwishyura, Urwego rw'Umuvunyi rwasanze atariko bimeze, kuko iyo uwunganira umucuruzi akoze ikosa Gasutamo isaba Sosiyeti y'ubwishingizi kwishyura niyo umucuruzi yaba ashoboye kwishyura, noneho ibicuruzwa bikaba umutungo wayo mu gihe umucuruzi afite ubushobozi bwo kuba yakwiyishyurira.

Urwego rwemeranya na Gasutamo ko habuze uwishyura sosiyeti yagombye kwishyura, gusa ntirwumvikana nayo ukuntu ibicuruzwa byaba umutungo wa sosiyeti y'ubwishingizi, ko ahubwo bagombye kugurisha ibyo bicuruzwa bakiyishyura asigaye agashyirwa kuri konti ategereje ko ubifitemo inyungu aza kuyaka.

Kugira ngo urwikekwe hagati ya gasutamo n'Ishyirahamwe ry'abunganira abacuruzi mu imenyekanisha (ADR) rushire, Urwego rw'Umuvunyi rwabagiriye inama yo kunoza imikoranire yabo kuko bafatanya mu kwinjiza imisoro, bityo Gasutamo ikajya isubiza amabaruwa bayandikiye kandi ikabaha umubonano mu buryo butagoranye. Iryo shyirahamwe naryo ryagombye kuvugurura imikorere yaryo kugira ngo rigire ubusho-bozi bwo gukurikirana abanyamuryango baryo ndetse rikumva ko na ryo rigomba kurwanya, gutangaza no kwirukana abaririmo bafite uburiganya kuko barigayisha.

Ku mipaka myinshi hari umwakirizi w'amahoro umwe n'umukozi w'Ishami rishinzwe kurwanya magendu umwe. Kuba umupaka utagira igihe na kimwe ufungwa bituma abo bakozi batagira ikiruhuko cyaba icy'icyumweru cyangwa icy'umwaka. Birakwiye ko bakongerwa kugira ngo bajye basimburana cyangwa hakaba uburyo bwo kuborohereza mu gufata ikiruhuko.
Urwego rw'Umuvunyi rwasanze abakozi ba Gasutamo bakorera ku mipaka bakorera ahantu hadashobotse (gukorera mu mazu yubakishije amabati gusa, gukorera muri Kontineri, ...) hashobora kubangamira ubuzima bwabo, rukaba rusaba Guverinoma gufasha RRA gukemura icyo kibazo nubwo mu bushobozi bwayo buke RRA yemeye ko igiye kubitangira.

Urwego rwasanze kandi mu isoresha hagaragaramo ubusumbane mu buryo bubiri:
hari ubusumbane mu isoresha ry'ibintu binyuze ku mupaka aho buri kintu cyose kihanyuze gisoreshwa nyamara ku kibuga cy'indege umusoreshwa aba afite uburenganzira bwo kuhanyuza ibintu bike bimwe na bimwe nk'inzoga n'itabi.

hari ubundi busumbane ku bijyanye no gukurikirana cyane abaturage baturiye umupaka wa Gisenyi na Goma mugihe kuyindi mipaka abaturage bagira uburenganzira bwo guhahirana.
Urwego rw'Umuvunyi rurasanga ingingo z'amategeko zigena uburinganire bw'abasoreshwa zikwiye kubahirizwa, byaba ngombwa zikaba zakorerwa ubugororangingo kugira ngo zihuzwe n'imiterere y'imipaka imwe n'imwe.
Rurasaba kandi abashinzwe imiturire gukangurira abaturage kutubaka mu mbibi z' imipaka cyane ku mupaka wa Gisenyi na Goma kuko usibye ibibazo by' umutekano bibangamira n' igikorwa cy'isoresha.

Kubera politiki yafashwe muri RRA yo guhindura abakozi bava muri serivisi bajya mu yindi nyuma y'igihe runaka bituma batubaka ubumenyi aho bakorera, hakwiye kubaho inyandiko ikusanya ibyuho n'amayeri anyuranye abakora muri gasutamo bakoresha kugira ngo bifashe abagenzuzi n'abakozi ba RPD mu kazi kabo mu rwego rwo gusangira ubumenyi mu mikorere ya buri munsi.

Mu gusoza iyi ngingo yo gukumira akarengane, ruswa n'ibyaha bifitanye isano na yo, twibutse ko igikorwa cyo gusura imirenge n'ibigo by'amashuri yisumbuye mu ntara zinyuranye n'icyo gusura ibigo bishinzwe ubugenzuzi byabangikanyijwe n'icyo kwakira no gukurikirana ibibazo bya ruswa n'akare-ngane nk'uko bigaragazwa mu ngingo ikurikira.

III. KWAKIRA IBIBAZO BY'AKARENGANE, RUSWA N'IBYAHA BIFITANYE ISANO NA YO MU NZEGO Z'UBUTEGETSI BWA LETA N'IZIGENGA.

Ibibazo Urwego rw'Umuvunyi rushyikirizwa rukanakurikirana bigaragara mu byiciro bibiri bikurikira:
ibibazo byerekeranye na ruswa;
n'ibibazo by'akarengane.

Ibyo bibazo bigezwa ku Rwego rw'Umuvunyi mu buryo bunyuranye: hari amakuru agezwa ku Rwego rw'Umuvunyi ajyanye na ruswa, hari ibibazo biza mu nyandiko, hari ibyo ba nyirabyo bizanira ku cyicaro cy'Urwego rw'Umuvunyi, hari ibibazo Urwego rw'Umuvunyi rwakira mu ngendo rukora hirya no hino mu Gihugu.

III.1. Kwakira no gukurikirana ibibazo byerekeranye na ruswa.

Ibibazo bijyanye na ruswa Urwego rw'Umuvunyi rwakiriye muri uyu mwaka wa 2005 n'uko byakurikiranywe bigaragara mu mbonerahamwe no mu ibarurishamibare bikurikira:

UBWOKO BW'IBYAHA BYA RUSWA	**IMIBARE**
Inyereza ry'umutungo	8
Inyereza ry'umusoro	3
Imikorere mibi y'ubuyobozi	13
Ibibazo bya ruswa mu masoko ya Leta	6
Ibibazo bya ruswa mu butabera	5
IGITERANYO	35

Impugukirwa : Ibi bibazo birebana na ruswa cyangwa se ibyaha bifitanye isano na yo byageze ku Rwego rw'Umuvunyi mu buryo bwo gutanga amakuru no gusaba kurenganurwa.

Urebye muri rusange ibijyanye n'inyereza ry'umutungo bikorwa na bamwe mu bakozi n'abayobozi biterwa cyane cyane n'uko bamwe mu bayobozi cyangwa se abakozi baba bafite irari ryo gushaka gukira vuba no kuba batumva neza inshingano zabo, bagashaka indonke bitwaje imyanya bariho cyangwa se akazi bakora;

Ku inyereza ry'imisoro n'amahoro amadosiye yakurikiranywe yari ayerekeranye n'inyereza ry'amahoro ya gasutamo n'imisoro inyuranye;

Ku mikorere mibi y'abayobozi irimo amakosa agenda agaragara mu mikorere itandukanye igaragarira nko mu kutita ku gukemura ibibazo by'abaturage, mu itangwa ry'akazi hatubahirijwe amategeko n'ibindi.

Ku bibazo bya ruswa mu masoko ya Leta, hagaragaramo ibireba ba Rwiyemezamirimo bahabwa amasoko nta ngwate batanze, baba bagitangira imirimo cyangwa se igeze hagati itararangira, bakigendera (bakabura). Hari n'ahabonetse isoko rihabwa abantu babiri: uwaritsindiye n'utaritsindiye;

Ku birebana na ruswa mu butabera, hagaragaye n'ibirego by'abakeka ruswa ku bacamanza n'abashinjacyaha mu byemezo baba bafashe.

III.2. Kwakira no gukurikirana ibibazo by'akarengane

Umubare w’ibibazo by’akarengane Urwego rw’Umuvunyi rwashyikirijwe muri uyu mwaka wa 2005, nk’uko ibarurishamibare ribyerekana, uragaragazwa mu Ntara n’Umujyi wa Kigali, no mu byiciro 10 bijyanye n’imiterere nyakuri yabyo.

	UMUBARE W’IBIBAZO HAKURIKIJWE INTARA/UMUJYI WA KIGALI	**UMUBARE**
	INTARA/UMUJYI WA KIGALI	**W’IBIBAZO BYAKIRIWE**
1	RUHENGERI	453
2	UMUJYI WA KIGALI	427
3	KIGALI NGALI	419
4	GISENYI	414
5	BUTARE	401
6	CYANGUGU	295
7	UMUTARA	223
8	GITARAMA	181
9	KIBUNGO	77
10	BYUMBA	62
11	GIKONGORO	59
12	KIBUYE	45
		3056

* Intara za Ruhengeri, Kigali Ngali, Butare, Cyangugu, Gisenyi n’Umutara ziragaragaza umubare munini w’ibibazo kubera ko by’umwihariko ari zo zasuwe n’Urwego rw’Umuvunyi mu mwaka wa 2005, bityo abaturage bo muri izo ntara bakaba barabonye umwanya uhagije wo kugeza ku Rwego rw’Umuvunyi ibibazo byabo mu isurwa ry’imirenge batuyemo.

2. **UMUBARE W’IBIBAZO HAKURIKIJWE IBYICIRO BYABYO**

N°	**AMAZINA Y’INTARA/ UMUJYI WA KIGALI**	**UMUBARE W’IBIBAZO BYAKIRIWE**
1	IBIBAZO BYEREKEYE UBUYOBOZI N'UMURIMO	714
2	IBIBAZO BY'IMITURIRE	688

3	IMANZA ZACIWE N'INKIKO	360
4	IBIBAZO BIRI MU NKIKO	257
5	IBIBAZO BY'IMICUNGIRE Y'UMUTUNGO N'IZUNGURA	217
6	IBIBAZO BY'IMIBEREHO	142
7	IBIBAZO BIJYANYE N'UBUCURUZI	26
8	IBIBAZO BIREBA ISANDUKU Y'UBWITEGANYIRIZE Y'ABAKOZI	55
9	IBIBAZO BIREBA IBIGO BY'UBWISHINGIZI	37
10	IBINDI BIBAZO	164
	BYOSE HAMWE	**2660**

Impugukirwa:

 Iri barurishamibare riragaragaza ibibazo byakiriwe mu byiciro bikurikira:

1. Ibibazo byerekeye ubuyobozi n'umurimo (Affaires administratives): ni icyiciro kirimo ibibazo bireba umurimo nko gusezererwa ku kazi nta mperekeza cyangwa nta mpamvu ifatika igaragajwe, amafaranga abakoresha bambura abakozi, abatsinda amapiganwa ku mirimo runaka ariko ntibayihabwe, ibibazo imishinga yagiye ikorera hirya no hino yasize idakemuye, n'ibindi…

Hari n'ibindi bibazo byerekeye ubuyobozi cyangwa ibifitanye isano n'ibyemezo by'ubuyobozi bwaba ubw'inzego za Leta cyangwa izigenga. Urugero ni nk'ibyemezo bidatangirwa igihe n'inzego zibishinzwe cyangwa imyanzuro yafashwe idashyirwa mu bikorwa ku gihe.

Kuri ibi bibazo Urwego rw'Umuvunyi mu mahugurwa rukorera abayobozi rubakangurira ko bakwiye kugira imyitwarire iranga umuyobozi nyakuri bakagerageza gushyira mu bikorwa ingingo ya 4 y'itegeko no 23/2003 ryerekeye gukumira, kurwanya no guhana ruswa n'ibyaha bifitanye isano nayo.

Naho ku birebana n'ibibazo Urwego rw'Umuvunyi ruba rwagejejweho, rurabikurikirana, imyanzuro iba itarashyizwe mu bikorwa igasabwa kubahirizwa. Ibinaniranye ba nyirabyo babishyikiriza inkiko.

2. Ibibazo by'imiturire (Affaires foncières): ni ibibazo bijyanye n'imiturire n'ubutaka. Iki cyiciro nicyo gifite ibibazo byinshi, ahanini usanga ari ibibazo biri mu nkiko cyangwa mu nzego z'ubuyobozi ariko ikiregerwa ari isambu cyangwa ikibanza haba mu rwego rwo kwimurwa cyangwa isaranganya. Ku bitari mu nkiko.

Ibyinshi tubisanga mu turere tw'Umujyi wa Kigali, aha twavuga nko mu :

kwimura abaturage hagamijwe kubungabunga ibidukikije, cyangwa ahateganijwe gushyirwa ibikorwa bifitiye abaturage akamaro;

mu gutanga ibibanza bimura ba gakondo;

mu guca akajagari, ubuyobozi bukimura abantu badafite ubushobozi bwo kubaka amazu ajyanye n'igishushanyo mbonera cy'Umujyi;

Muri ibi bibazo, hari byinshi Urwego rw'Umuvunyi rusangamo akarengane inzego z'ubuyobozi zikorera abaturage, iyo iryo yimurwa rikorwa hatubahirijwe amategeko.

Mu gukemura ibyo bibazo, Urwego rw'Umuvunyi rwaka ibisobanuro inzego zabigizemo uruhare maze zigahindura imyanzuro ziba zafashe, hakubahirizwa amategeko.

Ibindi bibazo byo muri icyi cyiciro bitashyikirijwe inkiko ubisanga mu guhuguzanya amasambu no mu kutubahiriza politiki y'isaranganya.

Kuri ibi bibazo amahugurwa Urwego rw'Umuvunyi rugeza ku bayobozi b'inzego z'ibanze agira akamaro kuko abo bayobozi barushaho kumva inshingano zabo maze bagakemura ibibazo bagezwaho.

Ariko ntitwabura kuvuga ku bayobozi batemera isaranganya kandi ari bo bakwiye kubera abaturage, Urugero, nk'aho usanga isaranganya ryarakozwe hakurikijwe amabwiriza ariko ugasanga hari abayobozi bo mu nzego nkuru z'Igihugu bazitira ishyirwa mu bikorwa ry'iryo saranganya, ndetse hari naho usanga abaturage birukanwa mu masambu bahawe hakurikijwe amabwiriza yavuzwe haruguru. Kuri iki kibazo Urwego rw'Umuvunyi rushishikariza abayobozi bo mu nzego z'ibanze gushyira mu bikorwa ingingo ya 7, igika cya kabiri n'iya 87 by'Itegeko ngenga rigena imikoreshereze n'imicungire y'ubutaka mu Rwanda ryo ku wa 14/07/2005 ryasohotse mu igazeti ya Leta yo ku wa 15/09/2005.

Icyo Urwego rw'Umuvunyi rwishimira ni uko abantu bashoraga Leta mu manza akenshi banga isaranganya, bene ibyo bibazo bikemurwa n'Itegeko twavuze haruguru.

Ikindi ni uko igongana ry'inzego z'ubuyobozi mu itangwa ry'ibibanza cyane cyane mu Mujyi wa Kigali n'uturere tuwugize ryakemuwe n'ivugurura ry'imikorere y'inzego z'ubuyobozi bw'inzego z'ibanze kuko kuri buri Karere hazajya haba hari ushinzwe imicungire y'ubutaka.

3. Imanza zaciwe n’inkiko (Affaires tranchées en justice): ni ibibazo bijyanye n’imanza zaciwe burundu n’inkiko cyangwa Komite z’Abunzi ariko ababishinzwe ntibazirangize. Iyo Urwego rw’Umuvunyi rugejejweho ibyo bibazo rusaba inzego bireba kurangiza izo manza.
N’ubwo nyuma y’ivugura ry’ubutabera hagiyeho abahesha b’inkiko ku nzego z’imirenge n’uturere, ndetse n’abahesha b’inkiko b’umwuga, haracyari umubare munini w’imanza zitarangizwa. Hakaba hagomba ubufatanye bw’inzego zose mu gushishikariza inzego zibishinzwe uwo murimo. Urwego rw’Umuvunyi rukaba rusanga gukererwa kurangiza imanza bituma kenshi abatsinzwe barigisa imitungo yagafatiriwe cyangwa se ngo ivemo indishyi z’abatsinze; nyuma ugasanga habuze ahava izo ndishyi.
Hari n’ababa batishimiye imyanzuro kuri izo manza nta n’ubundi buryo bwo kuzijuririra bugishoboka, Urwego rw’Umuvunyi rukabagira inama yo kwemera iyo myanzuro kuko iba yabaye itegeko cyangwa haba hari izindi ngingo nshya zaherwaho, bakagirwa inama yo gusubirishamo urubanza.

4. Ibibazo biri mu nkiko (Affaires en cours de jugement): ni icyiciro cy’ibibazo bigera ku Rwego rw’Umuvunyi kandi bikiri mu nzego z’ubutabera (inkiko), akenshi ba nyirabyo baratanze ibirego mu nkiko, baratsinze ariko izo manza zarajuririwe. Iyo Urwego rw’Umuvunyi rwakiriye ibyo bibazo rubagira inama yo gutegereza umwanzuro w’urukiko, haba hari izindi ngorane mu miburanishirizwe akagirwa inama cyangwa hagakorwa ubuvugizi ku nzego bireba.
Nubwo ivugurura ry’inkiko n’ubutabera rimaze gutera intambwe igaragara, haracyari ikibazo cy’imanza zicibwa, hatitawe ku bimenyetso byose by’ababuranyi, izindi zigasubikwa kenshi nta mpamvu zigaragajwe. Ibi bikaba bikiri imbogamizi ku musaruro ubutabera bugomba gutanga no guhindura isura bwari bufite mu minsi ishize.

5. Ibibazo by’imicungire y’umutungo n’izungura (Gestion du patrimoine et succession): ni ibibazo bijyanye n’icungwa ry’umutungo n’izungura. Bikunze kugaragarira cyane mu makimbirane avuka mu muryango kubera imicungire mibi y’umutungo, ayo makimbirane kandi akunze kugaragara no mu gihe cy’izungura cyangwa nyuma yaho. Iyo Urwego rw’Umuvunyi rwakiriye ibyo bibazo ruhuza ababifitanye rukabafasha kubikemura, batakumvikana bakagirwa inama yo kugana abunzi/inkiko.

Hakwiye kurushaho kwigisha itegeko n°22/99 rigenga icungwa ry'umutungo w'umuryango, impano n'izungura cyane cyane ku bayobozi b'inzego z'ibanze n'abaturage bakanahugurirwa ibijyanye n'iranga-mimerere.

6. Ibibazo by'imibereho (Affaires sociales): ni ibibazo by'imibereho bijyanye n'ubukene, kutishobora, kutagira aho baba n'uko babaho, abo baba bakeneye imfashanyo. Iyo Urwego rw'Umuvunyi rwakiriye ibyo bibazo rubagira inama yo kwegera inzego zishinzwe imibereho myiza y'abaturage n'ibindi bigega byabafasha.

7. Ibibazo bireba Isanduku y'Ubwiteganyirize y'Abakozi y'u Rwanda (Caisse Sociale du Rwanda): Ibibazo byagejejwe ku Rwego rw'Umuvunyi byo muri iki cyiciro birebana cyane cyane n'abana b'imfubyi bakiri bato kandi bagomba gukurikirana amafaranga y'ubwiteganyirize y'ababyeyi babo, abaguye hanze y'Igihugu bigoye kubona icyemezo cy'uko bapfuye, ibijyanye n'ubwiteganyirize bw'abasirikare n'impanuka zikomoka ku murimo. Urwego rw'Umuvunyi rwafashije abari barugejejeho ibyo bibazo, rubahuza n'Isanduku y'Ubwiteganyirize bw'Abakozi kugira ngo bibonerwe umuti. Urwego rw'Umuvunyi rurasanga amategeko ya CSR yagombye guhuzwa n'ibyemezo bigenda bifatwa mu buryo bwo gukemura ibibazo bimwe na bimwe bikomoka ku bihe bidasanzwe Igihugu cyanyuzemo.

8. Ibibazo bijyanye n'ubucuruzi (Affaires commerciales): urugero ni nk'ibibazo birebana n'ibicuruzwa byangirikira muri MAGERWA ikanga kubyishyura. Iyo Urwego rw'Umuvunyi rwakiriye ibyo bibazo rugerageza guhuza ba nyirabyo n'abo bafitanye ibibazo byananirana bakoherezwa mu nkiko. N'ubwo Itegeko n°18/2004 rigena imiburanishirize y'imanza z'imbonezamubano, ubucuruzi, ubutegetsi n'umurimo rishyiraho inkiko ziburanisha imanza z'ubucuruzi, haracyari ingorane y'uko abaseseri batarajyaho, hakaba hakiri imanza nyinshi zidindira.

9. Ibibazo bireba Ibigo by'ubwishingizi (Sociétés d'Assuances): ni ibibazo bireba Ibigo by'ubwishingizi bijyanye n'amafaranga akomoka ku mpanuka abantu baba batabonye cyangwa ngo bayabonere igihe. Urwego rw'Umuvunyi rwahuje Ibigo by'ubwishingizi n'abafite ibyo bibazo kugira ngo bibonerwe umuti.

Ibyo bigo byagombye kubaha ababigana n'igihe cy'impanuka cyane cyane ko abantu baba bashinganye bateganyiriza ibihe bibi nk'ibyo. Hagomba gufatwa ingamba ku gihe ntarengwa abantu baba bagomba kubonera amafaranga yabo ntamananiza.

10. Ibindi bibazo (Affaires diverses): iki cyiciro kireba ibibazo binyuranye birimo ubwone, urugomo, ubwambuzi, inzangano, amarozi n'ibindi.. Urwego rw'Umuvunyi rugira inama abafite ibyo bibazo kugana inzego bireba. Ibi bibazo ahanini bikomoka ku bujiji bw'abaturage no kutamenya aho babariza.

1. UMUBARE W'IBIBAZO HAKURIKIJWE URWEGO BIGEZEHO

N°	IBYICIRO BY'IBIBAZO	UMUBARE W'IBIBAZO BYAKIRIWE
1	IBYARANGIJWE	1861
2	IBIGIKURIKIRANWA	697
3	IBYAMENYESHEJWE URWEGO	61
4	IBYASHYIKIRIJWE IZINDI NZEGO	9
5	IBITARAKURIKIRANWA	32
6	IBINDI BIBAZO BIDAFITIWE INYANDIKO ARIKO BYARANGIRIJWE MU NAMA	396
BYOSE HAMWE		**3056**

IV. INYANDIKO ZIGARAGAZA IMITUNGO NYAKURI Y'ABAYOBOZI B'IGIHUGU N'ABANDI BAKOZI BATEGANYWA N'ITEGEKO.

Imenyekanishamutungo ni igikorwa ngarukamwaka nk'uko biteganywa n'Itegeko Nshinga ryo ku wa 04 Kamena 2003 mu ngingo yaryo ya 182 igika cya 4 nk'uko ryavuguruwe kugeza ubu. Iryo menyekanishamutungo rireba Abayobozi bakuru b'Igihugu n'abandi bayobozi bo mu nzego za Leta, ab'Ibigo bya Leta, ibyo Leta ifitemo imigabane n'abandi bakozi bose itegeko riteganya hagamijwe gukumira no kurwanya ruswa mu nzego za Leta.

Mu mwaka wa 2005 ku bijyanye n'Imenyekanishamutungo Urwego rw'Umuvunyi rwakoze ibikorwa bitatu by'ingenzi ari byo:
Kunoza inyandiko igaragaza umutungo
Gutanga no kwakira inyandiko igaragaza umutungo
Gusuzuma inyandiko igaragaza umutungo

IV.1 Kunoza inyandiko igaragaza umutungo

Muri Mutarama 2005 Urwego rw'Umuvunyi rwakosoye agatabo gakubiyemo ibibazo binyuranye byagendeweho mu kugaragaza imitungo y'abayobozi n'abacunga-mutungo wa Leta hakurikijwe ibitekerezo byari byatanzwe ku nyandiko igaragaza umutungo y'umwaka wa 2004.
Ibikubiye muri ako gatabo by'ingenzi bigaragaza:
Umwirondoro w'ugaragaza umutungo,
Uwo bashakanye n'uburyo bacunga umutungo wabo,
Imitungo yabo ifatika n'idafatika n'inkomoko yayo,
Imitungo bwite y'uwo bashakanye mu gihe batavanze umutungo n'iy'abana babo cyangwa abo barera batarageza ku myaka cumi n'umunani y'amavuko.

IV.2 Gutanga no kwakira inyandiko igaragaza umutungo.

Mu mwaka wa 2005 Urwego rw'Umuvunyi rwagejeje ku bayobozi bo mu Nzego zose n'abacungamutungo wa Leta aho bari hose mu gihugu no hanze yacyo inyandiko igaragaza umutungo wabo ngo bayuzuze kandi bayigarurire Urwego.

Ku bantu ibihumbi bitatu magana ane mirongo icyenda (3.490) bahawe inyandiko igaragaza umutungo abayigaruriye Urwego rw'Umuvunyi ni ibihumbi bibiri magana atanu na cumi n'umunani (2.518) bangana na 72% nk'uko bigaragarira mu mbonerahamwe ikurikira:

IMBONERAHAMWE IKURIKIRA IREREKANA INYANDIKO ZATANZWE, IZAGARUTSE N'IZITARAGARUTSE

I. ABAYOBOZI BAKURU, ABASENATERI, ABADEPITE, ABAMINISITIRI

N°	Aho bakorera	Abahawe	Ababizanye	Abatarabizanye
1.	*Abayobozi bakuru (Perezida wa Repuburika, Perezida wa Sena, Perezida w'Umutwe w'Abadepite, Minisitiri w'Intebe na Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga).*	5	5	-
2.	Abasenateri	25	25	-
3.	Abadepite	83	81	2
4.	Abaminisitiri	27	27	-
	IGITERANYO	**140**	**138**	**2**

II. ABAYOBOZI N'ABACUNGAMUTUNGO

 Mu Nteko Ishinga Amategeko

N°	Aho bakorera	Abahawe	Ababizanye	Abatarabizanye
1.	Service za Sena	4	4	-
2.	Service z'icyumba cy'Abadepite	8	6	2
	IGITERANYO	**12**	**10**	**2**

 Mu Bucamanza, Ubushinjacyaha, za Ambasade

N°	Aho bakorera	Abahawe	Ababizanye	Abatarabizanye
1.	Ubucamanza	253	210	43
2.	Ubushinjacyaha	221	169	52
3.	Ambasade	46	21	25
	IGITERANYO	**520**	**400**	**120**

 Muri Perezidansi na Minisiteri

N°	Aho bakorera	Abahawe	Ababizanye	Abatarabizanye
1.	Perezidansi	13	9	4
2.	Primature	20	17	3
3.	Minisiteri y'Ingabo	320	146	173
4.	Minisiteri y'Abakozi ba Leta	12	6	6

	n'Umurimo			
5.	Minisiteri y'Ubuzima	18	9	9
6.	Minisiteri y'Imari n'Igenamigambi	30	19	11
7.	Minisiteri y'Ubutegetsi bw'Igihugu, Imiyoborere Myiza, Amajyambere Rusange n'Imibereho Myiza y'Abaturage	8	8	-
8.	Minisiteri y'Urubyiruko, Umuco na Siporo	7	2	5
9.	Minisiteri y'Ubucuruzi,Inganda, Guteza imbere Ishoramari , Ubukerarugendo n'Amakoperative	8	5	3
10.	Minisiteri y'Ububanyi n'Amahanga n'Ubutwererane	10	4	6
11.	Minisiteri y'Ibikorwa Remezo	16	8	8
12.	Minisiteri y'Uburezi,Ubumenyi, Ikoranabuhanga n'Ubushakashatsi	14	10	4
13.	Minisiteri y'Ubutaka , Ibidukikije, Amashyamba, Amazi na Mine	35	26	9
14.	Minisiteri muri Primature Ishinzwe Iterambere ry'Umuryango n'iry'Uburinganire	8	1	7
15.	Minisiteri y'Ubutabera	14	13	1
16.	Minisiteri y'Umutekano mu Gihungu	105	83	22
17.	Minisiteri y'Ubuhinzi n'Ubworozi	10	6	4
	IGITERANYO	**648**	**373**	**275**

- Mu Bigo bya Leta n'ibyo Leta ifitemo imigabane

N°	**Aho bakorera**	**Abahawe**	**Ababizanye**	**Abatarabizanye**
1.	U.N.R	14	11	3
2.	KIST	6	4	2
3.	K.H.I	4	4	-

4.	K.I.E	8	6	2
5.	S.F.B Mburabuturo	6	5	1
6.	I.S.A.E BUSOGO	5	3	2
	C.N.E.R	6	6	-
7.	F.P.P	4	4	-
8.	TIG	6	6	-
9.	O.R.T.P.N	11	6	5
10.	C.N.J	3	1	2
11.	IMPRISCO	14	13	1
12.	RWANDATEL	19	3	16
13.	OCIR-THE	32	27	5
14.	OCIR-CAFE	10	10	-
15.	CAPMER	7	7	-
16.	CAMERWA	8	0	8
17.	PRIVATISATION	5	3	2
18.	NORMALISATION	6	6	-
19.	GLIA	2	1	1
20.	TRAC	2	1	1
21.	MAGERWA	7	7	-
22.	ONATRACOM	7	6	1
23.	C.N RUBIRIZI	2	2	-
24.	Inama Nkuru y'Itangazamakuru	1	0	1
25.	ORINFOR	9	7	2
26.	CHU/CHK	3	3	-
27.	CHU/BU	5	1	4
28.	CARAES NDERA	2	2	-
29.	LABOPHAR	5	5	-
30.	P.N.T.S	5	5	-
31.	C.R.R	25	11	14
32.	RAMA	29	27	2
33.	KOMISIYO Y'AMATORA	9	9	-
34.	C.N DE CONTROLE DES ASSURANCES	2	2	-

35.	C.N.D.P		7	3	4
36.	R.D.R.C		28	16	12
37.	N.U.R.C		10	5	5
38.	A.R.R		6	6	-
39.	S.N JURIDICTION GACACA		8	8	-
40.	ELECTROGAZ		50	28	22
41.	Office de l'Aviation Civile		8	5	3
42.	I.R.S.T		6	6	-
43.	CNIA		8	3	5
44.	C.N.F.D.J		4	2	2
45.	C.S.R		31	30	1
46.	N.T.B		3	3	-
47.	OMBUDSMAN		7	7	-
48.	UBUGENZUZI BW'IMARI YA LETA		69	68	1
49.	R.R.A		306	224	82
50.	SONARWA		4	2	2
51.	FARG		13	11	2
52.	C.D.F		3	1	2
53.	RIEPA		12	7	5
54.	O.N.P		7	6	1
55.	N.S.S		25	18	7
56.	RIAM		2	2	-
57.	B.N.R		15	13	2
58.	B.R.D		16	13	3
59.	BCR		26	16	10
60.	U.B.P.R		11	11	-
61.	Banki y'Imiturire		11	11	-
62.	Intara n'Umujyi Wa Kigali	Abakuru b'Intara n'Umujyi wa Kigali	12	11	1
		Abakozi b'Intara n'Umujyi wa Kigali	71	42	29
63.	Uturere n'Imijyi		742	548	194

64.	Ibigo by'Amashuri	360	262	98
	IGITERANYO	**2170**	**1601**	**569**
	IGITERANYO RUSANGE	**3.490**	**2.523**	**967**
		100%	**72%**	**28%**

Uko inyandiko igaragaza umutungo yatanzwe mu 2005

2005	**Umubare**	**%**
Inyandiko zatanzwe	3490	100
Inyandiko zagarutse	2523	72
Inyandiko zitaragaruka	967	28

Nk'uko bigaragara hari abantu batitabiriye igikorwa cy'imenyekanishamutungo, Urwego rukaba rwarandikiye ubuyobozi bw'Inzego bakorera bubagaragariza amazina y'abataritabiriye iki gikorwa rubasaba no kubakangurira kugikora.

Kugira ngo uwo muco mubi ucike, Urwego rw'Umuvunyi rwafashe ingamba yo kujya hatangazwa mu binyamakuru amazina y'abatuzuza iyo nshingano yabo kandi bagasabirwa ibihano.

IV.3 Gusuzuma inyandiko igaragaza umutungo.

Kuva muri Kanama 2005 Urwego rw'Umuvunyi rwafunguye inyandiko zigaragaza umutungo rwagejejweho z'abantu banyuranye, runagera aho ibikubiyemo bihererey e hagamijwe gusuzuma ko imitungo yavuzwe yabonetse ku buryo bwemewe n'amategeko kandi ko na banyirayo babasha gusobanura inkomoko yayo.

Ni muri urwo rwego hasuzumwe inyandiko zigaragaza umutungo zatanzwe mu mwaka wa 2004 z'abakozi 324 b'Ikigo cy'Igihugu gishinzwe imisoro n'amahoro (RRA) bakora imirimo itandukanye. Muri rusange abo bakozi ibyo bavuze mu nyandiko yabo igaragaza umutungo bikaba byari bihuye n'ibyo Urwego rwasanze aho ibivugwa bihererey e. Gusa icyagaragaye n'uko abakozi bamwe mu bagenzuwe bafite imitungo y'agaciro kanini cyane kandi nta nguzanyo zigaragarako bafashe ibyo bikaba byarahaye Urwego rw'Umuvunyi igitekerezo cyo kuzagenzura inkomoko nyakuri y'iyo mitungo mu mwaka wa 2006.

Hasuzumwe kandi inyandiko zigaragaza umutungo wa 2005 w'abantu 126 bo mu nzego zinyuranye bakurikira:
Abaminisitiri, Abanyamabanga ba Leta, Abasenateri, Abadepite, Abanyamabanga bakuru bose bashya mu mirimo;
Abacamanza bakuru mu Rukiko rw'Ikirenga n'abo mu Rukiko Rukuru rwa Repubulika, Umushinjacyaha n' Umwungirije, Abashinjacyaha bafite ububasha mu gihugu hose, Abashinjacyaha b'Intara n'Umujyi wa Kigali;
Abayobozi bakuru ba Polisi n'abahagarariye Polisi mu Ntara n'Umujyi wa Kigali.

Ibyiciro bisigaye bizagenzurwa mu mwaka wa 2006.

Ibyagenzuwe muri rusange byari bihuye n'ibyo banyir'ubwite banditse mu nyandiko zabo zigaragaza umutungo. Ariko hakaba hari Abapolisi batashoboye kugenzurwa kuko bahinduye aho bakorera Urwego ntirubashe kubageraho bakaba bazagenzurwa umwaka utaha wa 2006.

V. UBURYO BWAKORESHEJWE MU GUSHYIRA MU BIKORWA INSHINGANO Z'URWEGO RW'UMUVUNYI

Kugira ngo kandi inshingano z'Urwego zigerweho, Urwego rw'Umuvunyi rwashakiye abakozi ibikoresho bya ngombwa mu kazi ka buri munsi, haba mu bijyanye no gutegura no kwakira inyandiko zinyuranye, gutegura ingendo zo hanze n'izo mu Gihugu no gutegura amahugurwa.

Mu mwaka wa 2005 hanabaye inama zinyuranye zaba iz'Abavunyi n'izo bahuriramo n'abayobozi b'amashami ndetse n'abakozi bose zigamije kunoza imikorere no gutanga imirongo ngenderwaho y'imirimo.

Nk'uko byari byasabwe mu mwiherero wo mu Kagera muri Mutarama 2005, Urwego rw'Umuvunyi rwashyikirije Minisiteri y'Uburezi inyandiko ikubiyemo bimwe mu byashyirwa mu mfashanyigisho izifashishwa mu kwigisha abana kwirinda akarengane na ruswa.

Mu rwego rwo gukurikirana ibibazo byinshi Urwego rw'Umuvunyi rwashyikirijwe n'abaturage b'Umujyi wa Kigali, hakozwe urutonde rw'amabaruwa 28 Urwego rw'Umuvunyi

rwari rwarandikiye Umujyi wa Kigali atarigeze asubizwa rushyikirizwa Njyanama y'Umujyi wa Kigali na yo ntiyigeze isubiza.

Kugira ngo Urwego rurusheho kunoza imikorere yarwo hateguwe ibi bikurikira:
imfashanyigisho yo gukangurira abaturage gukumira no kurwanya akare-ngane, ruswa n'ibyaha bifitanye isano na yo;
imbanzirizamushinga y'itegeko ngengamikorere n'iy'amabwiriza mbonezamikorere;
gahunda y'ibikorwa by'Urwego rw'Umuvunyi y'imyaka itatu (2006-2008);

Urwego rw'Umuvunyi rwifashishije kandi ikoranabuhanga mu mikorere yarwo ya buri munsi mu buryo bwo kubika inyandiko, ibibazo by'abaturage n'ibikubiye mu nyandiko rugezwaho z'imenyekanishamutungo.

Mu mikoranire n'izindi nzego, Urwego rw'Umuvunyi rwitabiriye inama rwatumiwemo, rutegura ibiganiro bigamije kurushaho kunoza imikoranire yarwo n'izo nzego n'ibindi biganiro bigamije kugaragariza abanyarwanda imikorere yarwo n'ibyo rwagezeho.

Ibikorwa binyuranye by'Urwego rw'Umuvunyi n'inzego zinyuranye za Leta n'iz'abikorera ku giti cyabo, amahugurwa y'abaturage b'ingeri zose yabereye mu ntara zinyuranye z'Igihugu, byatangajwe hifashishijwe itangazamakuru ryandika ryaba irya Leta cyangwa iry'igenga, Radiyo na Televiziyo by'u Rwanda n'urubuga rw'itumanaho.

IKORESHWA RY'INGENGO Y'IMARI Y'UMWAKA WA 2005

Ingengo y'imari yakoreshejwe muri uyu mwaka wa 2005 ingana na miliyoni magana atandatu mirongo inani n'icyenda n'ibihumbi magana atandatu na mirongo ine na bitandatu n'amafaranga magana abiri na mirongo itandatu n'umunani (689.646.268) hiyongereyeho amafaranga Miliyoni cumi n'eshanu n'ibihumbi magana atatu makumyabiri na birindwi n'amafaranga magana atanu na cumi nane (15.327.514 Frw) yari yasigaye ku ngengo y'imari y'umwaka wa 2004.

Ibisobanuro birambuye biri mu mbonerahamwe ikurikira:

ITEGEKO RYA FINANCE 020515	**INGENGO y'Imari 2005**	**Amafaranga ari muri BNR**	**Amafaranga yakoreshejwe**	Asigaye **muri BNR**	**Asigaye ku ngengo y'imari 2005**
D33101 Imishahara y'Abamandateri	2 756 160	2 756 160	2 756 160	0	0
D 33104 Imishahara y'abasusitati	19 540 872	18 140 245	18 140 245	0	1 400 627
D 33105 Imishahara y'abasukontaro	7 200 000	2 334 038	2 193 000	141 038	4 793 582
		72 380*			
D33107 Ibirarane (Regularisation)	10 000 000	0	0	0	10 000 000
D 33201 Amafaranga y'urugendo	64 728 000	58 501 867	58 501 867	0	6 226 133
		4 965 000*			
D 33202 Amafaranga y'icumbi	64 920 000	60 080 333	60 080 333	0	4 839 667
D 33206 Amafaranga yo Gutabara	2 052 632	0	0	0	2 052 632
Abagize Ibyago					
D 33209 Ibindi ba Mandateri bemerewe	43 800 000	41 096 721	41 096 721	0	2 703 279
D 33210 Ibindi Abakozi bemerewe	98 280 000	46 119 823	46 119 823	0	12 587 436
		39 572 741*			
D33213 Umusoro ufatirwa Ku mushahara (Régularisation TPR)	28 644 144	28 644 144*	-	-	0
D 33301 Amafaranga Leta itangira abamandateri muri CSR	137 808	137 808	137 808	0	0

D 33304 Amafaranga Leta itangira abasusitati muri CSR	939 456	917 670	907 014	10 656	32 442
D 33305 Amafaranga Leta itangira abasukontaro muri CSR	120 000	13 500	-	13 500	120.000
D 33401 Amafaranga Leta itangira abamandateri muri RAMA	206 712	206 712	287 712	-81 000	0
D 33404 Amafaranga Leta itangira abasusitati muri RAMA	1 409 268	1 394 587	1 391 353	3 234	0
		21 149*			
D 33405 Amafaranga Leta itangira abasukontaro muri RAMA	180 000	3 375	-	3 375	180 000
D 33501 Ibikoresho byo mu Biro	12 507 022	12 507 022	11.670.390	836.632	0
D 33505 Amazi n'amashanyarazi	5 750 603	5 750 603	1.969.200	3.781.403	0
D 33506 Amavuta y'imodoka	22 680 000 (1) 2 226 039 (21) 2 500 000(22) 7 000 000(23)	26.990.000 14.770.000*	29.042.290	-2.052.299	0
D 33510 Ibikoresho bya Tekiniki	11 114 500	11 114 500	11.297.089	-182.589	0
D 33511 Ibikoresho by'ikoranabuhanga	6 000 000	6.832.877	5.919.166	913.711	0
D 33512 Ibyuma by'Imodoka	1 697 930	1 697 930	3.500.992	-1.803.062	0
D 33525 Ibindi bikenerwa	4 091 863	4 091 863	3.311.571	780.292	0

D 33602 Gufata neza inzu y'ibiro	2 027 599	2.055.158	7.489.572	-5434.414	0
D 33605 Gufata neza Imodoka za Leta	12 187 401	8.097.586 4 593 700*	6.648.429	1.449.157	1
D 33608 Gufata neza Ibikoresho byo mu Biro	3 836 745	3 836 745	446 000	3.390.745	0
D 33609 Gufata neza Ibikoresho bya Tekiniki	1 211 285	1.422.570	2.500.452	- 1.077.822	0
D 33801 Gukodesha Inzu y'ibiro	62 847 108	62 847 108	58.030.608	4.816.500	0
D 33807 Gukodesha Ibyumba byo	2 198 562	2 307 123	910 000	1.397.123	0
Gukoreramo Inama n'Ibindi bikorwa					
D 33811 Gufotora no Gucapisha Inyandiko	1 500 000 (1) 8 750 000(21) 1 500 000(22) 1 500 000(23)	15.016.578	7.138.599	7 877 979	0
D33813 Amafaranga yo guhagararira ikigo (Frais de représentation)	2 400 000	2.400.000	81 150	2 318 850	0
D 33817 Amafaranga y'iminsi Mikuru ya Leta (Frais de réception officielle)	4 606 561	4 606 561	3.750.879	855.682	0
D33822 Amafaranga y'amahugurwa	12 000 000	9 000 000 3 000 000*	6.494.502	2.505.498	0
D 33825 Amafaranga y'Iposita	2 545 932	2.710.299	1 950 040	760 259	0
D 33826 Itumanaho (Terefoni, fagisi na interineti)	13 220 471	13 853 007	21 597 195	-7 744 188	0

D 33829 Gusemura Inyandiko	7 268 897	7 337 793	957 000	6 380 793	0
D 33702 Amafaranga y'urugendo hanze y'igihugu	1 712 673 (01) 2 226 039 (21) 2 500 000(22) 7 000 000(23)	13 444 245	7174 445	6 269 790	0
D 33705 Amafaranga y'Ubutumwa bwo mu Gihugu	1 070 714 (01) 3 850 000 (21) 3 470 000 (22) 4 950 000 (23)	13 584 288	16 024 000	-2 439 712	0
D33832Frais d'assurance	3 500 000	3 500 000	1 923 789	1 576 211	0
D 33706 Amafaranga y'Ubutumwa bwo hanze y'Igihugu	2 004 454 (01) 2 070 714(21) 6 500 000(22) 2 707 436(23)	18 235 367	1 168 313	17 067 054	0
D 33816 Amahugurwa n'Ibiganiro	10 000 000 (22) 13 000 000(23)	23 000 000	10 342 885	12 657 115	0
D 33824 Guhugura Abakozi	10 167 500	10 167 500	9 915 837	251 663	0
D 33850 Amafaranga ku mpuguke zifashishijwe	15 000 000	15 000 000	15 517 240	-517 240	0
D 33858 Ipereereza	5 350 000(21) 12 747 066 (22) 2 400 000 (23)	17 860 766 2 636 300*	20 490 723	-2 629 957	0
D 33814 Amatangazo kuri Radio	3 982 141	4 566 923	5 025 071	-458 148	0
Televiziyo no mu binyamakuru					
D 33809 Ifatabuguzi mu binyamakuru	6 000 000	6 000 000	3 582 270	2 419 730	0

Isanduku				431 568	
Banki				**54 .280.121**	
Yose hamwe	**689 646 268**	**561 537 251 98 275 414***	**507 479 733**	**54 711.689**	**44 947 283**

*Amafaranga yavuye ku ngengo y'imari ya Leta atanyuze kuri Konti y'Urwego rw'Umuvunyi
ni 98 275 414frw.

-Muri iyi mbonerahamwe haragaragara ku mirongo imwe n'imwe y'ingengo y'imari hagiye hasaguka amafaranga, kuyindi akarenga.

Nk'uko bigaragara muri iyi mbonerahamwe, ingengo y'imari Urwego rw'Umuvunyi rwagenewe mu mwaka wa 2005 ihwanye n'amafaranga Miliyoni magana atandatu na mirongo inani n'icyenda, ibihumbi magana atandatu mirongo ine na bitandatu na magana abiri mirongo itandatu n'umunani (689.646.268frw), ayakoreshejwe mu mirimo yose yavuzwe ni 605.755.147 frw (ni ukuvuga 507.479.733frw+98.275.414 frw). Hasigaye kuri konti amafaranga Miliyoni mirongo itanu n'enye, ibihumbi magana abiri mirongo inani n'ijana na makumyabiri na rimwe (54.280.121 frw) azakoreshwa mu kwishyura imirimo n'amasoko yatanzwe mu mpera z'umwaka wa 2005.

Ku ngengo y'imari hasigaye Miliyoni mirongo ine n'enye n'ibihumbi magana cyenda mirongo ine na birindwi na magana abiri mirongo inani n'atatu (44.947.283 Frw) yari ateganyirijwe guhemba abakozi bataraboneka.

VI. INGORANE URWEGO RW'UMUVUNYI RWAHUYE NAZO.

N'ubwo Urwego rw'Umuvunyi rwagerageje kurangiza inshingano zarwo, hari imbogamizi rwahuye na zo zituma ibikorwa bimwe bitagerwaho:

Umubare muto cyane w'abakozi 36 ugereranyije n'inshingano nyinshi kandi zigoye rufite n'abo rwemerewe hakurikijwe imiterere y'inzego z'imirimo rukaba rutarabahawe bose;
Imodoka zikodeshwa ntizubahiriza gahunda yo kujya mu butumwa bikadindiza imirimo;
Abahabwa inyandiko z'imenyeshamutungo ntibitabira kuzigarurira igihe;
Abasezererwa ku murimo ntibagira ubushake bwo kubahiriza ibiteganywa n'itegeko ngo bongere bakore imenyekanishamutungo;
Abantu batitabiriye igikorwa cy'imenyekanishamutungo n'abatanze ibisobanuro nabi bituma imirimo y'igenzura igenda nabi.
Abayobozi batarangiza ibibazo by'abaturage hakurikijwe imyanzuro cyangwa inama Urwego rw'Umuvunyi ruba rwabagejejeho cyangwa se ngo barugaragarize impamvu bidakemurwa;

VII. IBYIFUZO

Nk'uko byagaragajwe mu ibarurishamibare ry'ibibazo byakiriwe, umubare munini urareba ibibazo bijyanye n'imiturire n'amasambu, ari nabyo kenshi bigezwa ku bayobozi banyuranye iyo basuye abaturage, Urwego rw'Umuvunyi rurasaba Minisiteri y'Ubutegetsi bw'Igihugu, Imiyoborere Myiza, Amajyambere Rusange n'Imibereho Myiza y'Abaturage, kurushaho gushishikariza abayobozi b'inzego z'ibanze kwegera abaturage no gukemura ibibazo byabo byunguranyweho ibitekerezo mu nama bagirana na bo;
Urwego rw'Umuvunyi rurasaba Minisiteri y'Ubutabera kwihutisha ivugurura ry'Itegeko rigena imiterere, ububasha n'imikorere bya komite z'abunzi no kurushaho kubahugura ku bijyanye n'inshingano zabo;
Urwego rw'Umuvunyi rurashishikariza Minisiteri y'Uburezi, Ubumenyi, Ikoranabuhanga n'Ubushakashatsi, kurushaho kwegera ibigo by'amashuri kugira ngo isuzume kandi ishakire umuti ibibazo biri mu burezi ndetse inafate ingamba zo gukumira ibishobora kuvuka;
Amategeko ateganya ko Minisitiri w'Imari n'Igenamigambi ashyiraho urwego rw'ubujurire ku by'itangwa ry'amasoko ya Leta kuko ibijyanye n'ubucuruzi bisaba kwihutishwa kugira ngo umucuruzi atahahombera.
Birakwiye ko Minisitiri w'Imari n'Igenamigambi ashyiraho urwego rw'ubujurire kugira ngo ugiranye ikibazo n'Inama ishinzwe gutanga amasoko ya Leta abone aho ajuririra;
Urwego rw'Umuvunyi rurasaba Minisiteri ifite ubutaka mu nshingano zayo kwihutisha ivugurura ry'Iteka rya Minisitiri n°18.08/1185 ryo ku wa 22/4/1996 rihindura ibiciro bihabwa abimuwe mu byabo kubera imirimo ifitiye Igihugu akamaro ritakijyanye n'igihe kubera izamuka ry'ibiciro ku masoko;

Ku bijyanye n'umurimo w'imenyekanishamutungo, Urwego rw'Umuvunyi rurasaba ababishinzwe ko bakwihutisha itegeko rigena imyitwarire y'abayobozi.

Nyuma yo kuganira n'abanyenganda bo mu Rwanda, Urwego rwasanze badashobora guhangana n'ibicuruzwa biturutse hanze kubera ko ibiciro byabyo biba biri hasi.

Ikigo cy'Igihugu gishinzwe kwakira imisoro n'amahoro gikwiye gufatanya n'ikigo cy'Igihugu gishinzwe ishoramari gukora inyigo icukumbuye yafasha abanyenganda bo mu Rwanda guhangana n'ibiciro ku masoko mpuzamahanga.

Urugaga Nyarwanda rw'Abikorera ku giti cyabo rufite amategeko yarufasha kugira ngo ibikorwa byarwo bigende neza, ariko byaragaragaye ko imirimo yarwo myinshi ikorerwa i Kigali, ntirumenye ibibazo abikorera ku giti cyabo bo mu Ntara bahura na byo ngo rubafashe kubikemura.

Amwe mu mashyirahamwe arugize usanga ariho ku mazina gusa, kandi mu Ntara Urugaga rukamenywa ku cyicaro cy'Intara honyine.

Urwego rw'Umuvunyi rwatanze inama ko Urugaga Nyarwanda rw'Abikorera ku giti cyabo rwakongera ingufu rukagera hose, rugahugura abacuruzi kuko usanga ubucuruzi ari umwuga ukorwa n'abatabihugukiwe. Urwego rw'Umuvunyi rwarugiriye kandi inama yo kureba uko rwajya ruhuza ibibazo by'abasoreshwa rukabifataho umwanzuro wanditse;

N'ubwo u Rwanda rumaze gutera intambwe igaragara mu kurwanya ruswa, usanga ibindi bihugu bitaragera ku rwego rushimishije nk'u Rwanda bityo ingaruka zabyo zikaruremerera. Urugero ni nk'ibihugu bitanga icyemezo cy'inkomoko ku bicuruzwa bitakorewe muri ibyo bihugu, kugira ngo bidatanga amahoro ku mipaka y'u Rwanda kuko biba bigaragaza inkomoko ya Komesa. Urwego rw'Umuvunyi rusanga byaba byiza Leta igiye ibyamagana mu nama mpuzamahanga.

Ku bijyanye n'ibibazo byagaragaye mu Isanduku y'Ubwiteganyirize bw'Abakozi y'u Rwanda, Urwego rw'Umuvunyi rurasaba ibi bikurikira:

Amategeko agena ubwiteganyirize bw'abakozi yari akwiye kuvugururwa mu ngingo zimwe zayo hagamijwe gukemura ikibazo cy'abantu bagiye bakora mu mahanga (cyane muri Kongo) batahuka bagakomeza akazi mu Rwanda bakaba badashobora guhabwa amafaranga y'izabukuru kubera ko imyaka bagiye bakora muri ibyo bihugu idashobora kubarirwa hamwe ngo igere ku iteganywa n'itegeko;

Abakoresha bakwiye kwita kugikorwa cy'imenyekanishamishahara no gutanga imisanzu ku gihe kuko iyo bidakozwe bigira ingaruka mbi ku bakozi cyangwa abafite uburenganzira ku bwiteganyirize mu gihe cyo gusaba amafaranga y'ingoboka cyangwa y'ubwiteganyirize;

inzego bireba zigomba gushishikariza abakozi kumenya imisanzu y'ubwite-ganyirize bwabo nk'uko iba yabazwe n'abakoresha, bakanamenya ko yageze mu Isanduku y'ubwiteganyirize koko;

Urwego rw'Umuvunyi rurasaba Minisiteri ifite umurimo mu nshingano zayo, gufasha Isanduku y'ubwiteganyirize bw'Abakozi y'u Rwanda kubonera abakozi bashinzwe igenzura ry'imenyekanishamushahara bahabwa ububasha bw'ubugenzuzi bw'umurimo kugira ngo babashe kugenzura iyubahirizwa ry'amategeko agenga imenyekanishamushahara;

Hari ibirarane byinshi cyane, Guverinoma igomba gushaka uko yagenda ibigabanya kugeza igihe izabirangiriza. Ikwiye kandi gushyiraho gahunda yo kubyishyura kandi ikayimenyesha abo bireba.

UMWANZURO

Raporo y'ibikorwa by'Urwego rw'Umuvunyi mu mwaka wa 2005 iragaragaza uburyo inshingano z'Urwego rw'Umuvunyi zagiye zishyirwa mu bikorwa hakurikijwe gahunda Urwego rw'Umuvunyi rwari rwateguye.

Urwego rw'Umuvunyi rwasanze muri rusange imikorere y'inzego zasuwe imeze neza ariko hamwe na hamwe hari imirimo idakorwa neza ku nzego z'ubuyobozi zinyuranye ari byo byashingiweho mu gutanga ibyifuzo n'inama ku nzego zifite ububasha bwo guhindura iyo mikorere.

Urwego rw'Umuvunyi rwasanze kandi hari aho imikorere idatunganye ku mpamvu z'amategeko agenga izo nzego adakurikizwa cyangwa ubwayo atanoze ashobora gutanga icyuho cya ruswa cyangwa cy'imikorere mibi, rukaba rwaratanze inama ko agomba kubahirizwa, adatunganye rusaba ko avugururwa kugira ngo izo nzego zirusheho gutanga umusaruro.

Urwego rw'Umuvunyi rurishimira intambwe igenda iterwa mu gukumira no kurwanya akarengane, ruswa n'ibyaha bifitanye isano na yo, nk'uko byagaragariye mu miterere y'bibazo rwakiriye muri uyu mwaka wa 2005 ugereranyije n'ibyari byarakiriwe mu mwaka wa 2004, bikaba ari umusaruro w'amahugurwa yakozwe cyane cyane ku nzego z'ibanze, no ku nama zagiriwe izo nzego ndetse n'ibigo bishinzwe igenzura byasuwe muri icyo gihe.

Nk'uko biteganywa n'ingingo ya 23 y'Itegeko n°25/2003 ryo ku wa 15/8/2003 rigena imiterere n'imikorere y'Urwego rw'Umuvunyi nk'uko ryavuguruwe kugeza ubu, Urwego rw'Umuvunyi rurashishikariza inzego zirebwa n'ibibazo bikubiye muri iyi raporo kugira icyo zivuga ku biyikubiyemo kugira ngo Urwego rw'Umuvunyi rubashe kunoza imikorere yarwo.

Urwego rw'Umuvunyi rurashimira inzego zinyuranye zaba iza Leta n'izigenga zarufashije kugera ku nshingano zarwo muri uyu mwaka wa 2005, by'umwihariko ubuyobozi bw'uturere tumwe na tumwe nka Nyagisagara, Gatare, Maraba, Rulindo na Kinigi, n'inzego za Leta nka Minisiteri y'Ingabo na Minisiteri y'Ubutegetsi bw'Igihugu, Imiyoborere Myiza, Amajyambere Rusange n'Imibereho Myiza y'Abaturage;

Rurashimira kandi abaturarwanda bose bitabiriye gahunda z’amahugurwa n’izo kwakira no gushakira ibisubizo ibibazo by’abaturage, ndetse na gahunda z’inzego n’ibigo byasuwe mu gushakira hamwe uburyo bwo kunoza imikorere y’inzego z’ubugenzuzi zasuwe.